**GASIMBA, ikiza ry'urubanza ryo ku wa 3 Ukwakira 1997 Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Gitarama**

*Ière Partie*

R.M.P 25.561/S4/MBF R.P.004/GIT/CH.S./I/97

Tribunal de première instance de Gitarama
Chambre spécialisée
Jugement rendu en séance publique du 3 octobre 1997

GÉNOCIDE  ASSASSINAT - COMPLICITÉ DASSASSINAT  PARTICIPATION CRIMINELLE AUTEUR OU CAUTEUR  ASSOCIATION DE MALFAITEURS  AIDE INDISPENSABLE TRANSPORT DES MALFAITEURS - VOL  DESTRUCTION DE BIENS DAUTRUI  CONCOURS IDÉAL  PRIVATION DES DROITS CIVIQUES  DOMMAGES INTÉRÊTS  PREUVES DE LA QUALITE DES DEMANDEURS  RECEVABILITE DE LACTION - DISJONCTION DE LACTION CIVILE ET DE LACTION PÉNALE

ITSEMBABWOKO NITSEMBATSEMBA  UBUHOTOZI  UBUFATANYA-CYAHA CYUBUHOTOZI URUHARE MU GUKORA ICYAHA  GATOZI CYANGWA ICYITSO  AGATSIKO KABAGIZI BA NABI INKUNGA YA NGOMBWA  GUTWARA ABAGIZI BA NABI  KWIBA  GUSENYA IBINTU BYUNDI IMPURIRANE ZIMBONEZA-MUGAMBI  KWAMBURWA UBURENGANZIRA - UKUREGERA INDISHYI  UBURENGANZIRA BWO KUREGERA INDISHYI  GUTANDUKANYA BIREGO BYINDISHYI NIKIREGO NSHINJA-BYAHA

1. Icyaha cyubufatanya-cyaha cyubuhotozi gihama uregwa iyo hari abagabo bamwe babajijwe nubushinja-cyaha nabandi babajijwe nurukiko bahamya ko umuburanyi yapakiye interahamwe mu modoka ye bajya kwica abatutsi.

1. Linfraction de complicité dassassinat est établie lorsque certains témoins entendus par le Ministère public et par le tribunal affirment que laccusé a transporté des miliciens pour aller tuer des Tutsi.

2. Icyaha cyo kugira uruhare mu mutwe warugamije kugirira abatutsi nabi, kimwe nicyo gusahura ibyuma byimodoka bihama umuburanyi kuko byasahuwe ninterahamwe yari yajyanye azihetse mu modoka ye.

2. Linfraction dassociation des criminels destinée à décimer les Tutsi et celle de vol des pièces dune auto sont établies dans le chef de laccusé si ces faits ont été commis par des miliciens interahamwe que laccusé a transportés.

3. Imvugo zabagabo bafunzwe babajijwe nurukiko ntizishobora kurenganura uregwa mu rubanza, kuko nabo bakurikiranyweho ubwicanyi bwabereye hamwe bityo bakaba batarashoboraga kuvuga ukuri, kimwe nabandi bagabo bavuga ko ntacyo bazi ku byerekeye ubwicanyi bwabaye kandi bari bahari barabirebaga.

3. Les déclarations des témoins en détention en faveur de laccusé ne peuvent pas être retenues par le tribunal parce que ces témoins sont accusés des mêmes faits dassassinat, de même que les témoignages de personnes qui nient avoir eu connaissance des faits dassassinat alors quelles étaient sur les lieux.

4. Nta ndishyi urukiko rugomba kugenera abantu bose batarushyikirije ibyemezo bigaragaza ko abo bashingiraho basaba indishyi bapfuye nibigaragaza amasano bari bafitanye

4. Le tribunal ne peut pas accorder des dommages-intérêts à des personnes qui nont pas fourni les preuves du décès de leurs proches et des relations qui existaient entre eux.

5. Ibyaha bigize icyaha cyitsembatsemba nitsembabwoko, cyangwa se ibyaha byibasiye inyoko-muntu biba impurirane yimboneza  mugambi iyo byakozwe bigamije inzira imwe yo gutsemba abantu.

Il y a concours idéal dinfractions constitutives du crime de génocide ou de crimes contre lhumanité lorsque les infractions commises visaient un même objectif à savoir, décimer des personnes.

URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RWIREMEZO RWA GITARAMA, RUHABURANISHIRIZA IMANZA ZIBYAHA BIGIZE ICYAHA CYITSEMBABWOKO NITSEMBATSEMBA CYANGWA IBYAHA BYIBASIYE INYOKO-MUNTU BYAKOZWE KUVA TARIKI YA 1 UKWAKIRA 1990, RWAKIJIJE URU RUBANZA MU RWEGO RWA MBERE

IKIZA RYURUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 03/10/1997

HABURANA :

UBUSHINJA-CYAHA
Na

GASIMBA Déogratias mwene RWEZANZU Gabriel na NYIRAMBOGOYE Marie, wavutse 19avukira i Karama, Segiteri Gatovu Komini Rutobwe, Perefegitura Gitarama, muri Repubulika yu Rwanda, ni naho atuye, yashakanye na UZARAZE ASTERIYA bafitanye abana batanu, yari umucuruzi, ubu ari mu kiruhuko cyisabukuru, afite imodoka imwe namazu abiri ntiyigeze afungwa ;

Ashinjwa ko :

Kuba ari muri Komini Rutobwe, Perefegitura Gitarama, mu kwezi kwa Mata 1994, ari gatozi yaratwaye interahamwe mu modoka ya Toyota Hilux yumutuku, avana interahamwe muri Komini Rutobwe azijyana muri Komini Kayenzi, Perefegitura Gitarama muri Repubulika y'u Rwanda, hicirwa abatutsi benshi bazira ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze icyaha cyitsembabwoko giteganywa namasezerano mpuzamahanga yi GENEVE yo kuwa 9/12/1943 yemejwe nitegeko n° 08/75 kikanateganywa kandi kigahanishwa nitegeko ngenga n°08/96

ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize nikurikiranwa ryibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko  muntu ;

Kuba ari na none muri ibyo bihe byavuzwe haruguru yari aho hantu, yaratwaye interahamwe mu modoka ye Hilux yumutuku bakajya kwica abatutsi bahungiye mu ishyamba ryo mu Bitare, Kayenzi, bityo akaba yarafatanyije mu ikorwa ryicyo cyaha nkuko biteganywa ningingo ya 91 CPPL I icyaha cyo kwica byagambiriwe kikaba giteganywa kandi kigahanishwa ningingo ya 312 ya CPPL II.

Kuba na none ari muri Komini Rutobwe ndetse no muri Komini Kayenzi, Perefegitura ya Gitarama, muri Repubulika yu Rwanda, mu gihe cyitsembabwoko nitsembatsemba yaragize uruhare mu mutwe wabagizi ba nabi agamije kugirira nabi abatutsi ari gatozi , afatanyije numutwe wabagizi ba nabi icyo cyaha gihanishwa ningingo ya 444 C.P.P.L III, 282 niya 283 C.P.P.L II.

Kuba ari i Kayenzi, muri Perefegitura ya Gitarama, Repubulika yu Rwanda, mu bihe byavuzwe haruguru yaravanye ibyuma mu modoka ya SINZIKWITA Antoine akabitwara icyo cyaha giteganywa ningingo ya 447 CPPL II.

Kuba ari aho hantu havuzwe haruguru no mu bihe byavuzwe haruguru, ari gatozi, afatanyije nabo yaratwaye mu modoka ye Hilux yumutuku, ibyo byaha byose babikoze bagamije kugirira nabi no gutsemba ubwoko bwabatutsi bityo bikaba bigize impurirane mboneza mugambi biteganywa ningingo ya 92, 93 C.P.P.L. I.

Abaregera indishyi:

MUKAMURIGO BEATRICE, UWINGABIRE MARIE GORETTI, MUKAKAYIJUKA MARCELLINE, UWIMANA CARITAS, RUTAYISIRE INNOCENT, AYINKAMIYE COLETTE, MUSANABERA STEPHANIE, NYIRAROMBA CHRISTINE, KANDAMA SIMONIYA, KABASINGA BEATA, MUSHIKIWABO DOROCELLA, DUSHIKUMUGABO DESIRE, NGAMBAGE JEAN, MUKANKUSI ESPERANCE, SEWUMUNTU EVARISTE, RUZINDANA, BURAGATARE WELLARS, BERABOSE BERANCILLA, SINZIKWITA, MUHOZI, MUJAWAMARIYA, RUTABINGWA GERARD, MUGIRANEZA ;

URUKIKO

RUMAZE kubona ko anketi zuru rubanza zatangiriye mu ubushinja-cyaha bwa Parike ya Gitarama, imaze gukora za anketi dosiye yohererezwa urugereko rwihariye mu rukiko rwa mbere rwiremezo rwa Gitarama iherekejwe nibaruwa n° B 124/D2/6/PRORE yo kuwa 11/04/1997 yoherejwe numushinja-cyaha wa mbere wa parike ya Gitarama kuwa 11/04/1997, ubushinja-cyaha busaba ko ikirego cyakwandikwa mu bitabo byibirego byurugereko rwihariye mu rukiko rwa mbere rwiremezo rwa Gitarama ;

RUMAZE kubona itegeko rya Perezida wurugereko rwihariye mu Rukiko rwa mbere rwiremezo rwa Gitarama rishyiraho itariki yo kuburanisha yo kuwa 26/05/1997 ;

RUMAZE kubona ko GASIMBA Déogratias, ushinjwa na : MUKAMURIGO BEATRICE, UWINGABIRE MARIE GORETTI, MUKAYIJUKA MARCELLINE, UWIMANA CARITAS,

RUTAYISIRE INNOCENT, AYINKAMIYE COLETTE, MUSANABERA STEPHANIE, NYIRAROMBA CHRISTINE, KANDAMA SIMONIYA, KABASINGA BEATA, MUSHIKIWABO COROCELLA, DUSHIKUMUGABO DESIRE, NGAMBAGE JEAN, MUKANKUSI ESPERANCE, SEWUMUNTU EVARISTE, RUZINDANA , BURAGATARE WELLARS, BERABOSE BERANCILLA, SINZIKWITA, MUHOZI, MUJAWAMARIYA, RUTABINGWA GERARD, MUGIRANEZA , bose baregera indishyi bahamagawe ku buryo bukurikije amategeko kugira ngo bazaze kuburana urubanza rwabo ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi wamenyeshejwe nushinjwa binyuze mu nzira zemewe namategeko ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi ugeze ubushinja-cyaha , abaregera indishyi bose nushinjwa bitabye urugereko rwihariye ;

RUMAZE kumva mbere yo gutangira iburanisha, Perezida wurugereko rwihariye abaza niba niba hari abaregera indishyi baba baje, basubiza ko bahari ;

RUMAZE kumva mbere yo gutangira iburanisha Perezida wurugereko rwihariye mu rukiko rwa mbere rwiremezo rwa Gitarama abaza GASIMBA Déogratias niba afite umwunganira agasubiza ko amufite ari Maître Project KABUREGE, ariko ngo ntiyabashije gusoma dossier yose kuko umwanya wari muto kandi hari nabagabo yifuza ko babazwa muri uru rubanza aribo :
TURIKUNKIKO Claudine utuye Gatovu  Rutobwe
BUREGEYA Anastase utuye Gatovu  Rutobwe
NGIRABAKUNZI Claver utuye Gatovu  Rutobwe
MPORANZI Martin (Nyabikenke - Gitarama)
UFITINKANDA Colette
MUKANYANDWI (utuye Gatenzi, Nyamabuye  Gitarama) ;

RUMAZE kumva Perezida wurugereko rwihariye aha ijambo abaregera indishyi ababaza niba hari abagabo bafite muri uru rubanza, umwe mu baregera indishyi ariwe UWIMANA Caritas akavuga ko hari umugabo : MUKAMPABUKA SUSAN, DUSHYIKUMUGABO DESIRE, NGAMBAGE YOHANI abandi bagabo babonye ibyabaye barapfuye ;

RUMAZE kumva Maître KABUREGE Project ahabwa ijambo akavuga ko atabonye igihe cyo gusoma dosiye yuwo yunganira GASIMBA Déogratias kimwe nuwo yunganira mu rubanza bityo bikaba ari ikibazo cyingenzi nkuko ingingo ya 36 yitegeko-ngenga ryo kuwa 30 kanama 1996 ibiteganya ndetse akavuga ko abagabo buwo yunganira batari muri uru rubanza akaba atabona uko yakwiregura kimwe nuwo yunganira GASIMBA Déogratias kimwe nabaregera indishyi ;

RUMAZE kumva bamwe mu baregera indishyi aribo RUTABINGWA Gérard, DUSHYIKUMUGABO na NGAMBAGE kimwe nabagenzi babo baregera indishyi bavuga ko bamenye iburanishwa ryurubanza bitinze bityo bitaba mu rubanza batiteguye kuburana cyangwa se ngo babe bashaka ababunganira bityo bifuza ko urubanza rwasubikwa rukimurirwa ku itariki ya hafi ;

RUMAZE kubona ko rwihereye kugirango rugire icyo ruvuga ku cyifuzo cyuregwa nubushinja-cyaha , rwasanze ibyo GASIMBA Déogratias ndetse nabaregera indishyi bavuga

ko batiteguye urubanza nta shingiro bifite kuko babonye igihe gihagije ; hamwe nimvugo yuwunganira GASIMBA Déogratias Maître Project KABAREGE ; naho kubaregera indishyi rwasanze bitabuza ko urubanza rwaburanishwa ; urwindishyi rukazaburanishwa nyuma yurubanza rwinshinja-byaha ;

RUMAZE kubona ko nyuma yo kwiherera urukiko rwafashe icyemezo ko urubanza ruburanishwa kuko GASIMBA Déogratias yahawe umwanya uhagije wo gutegura urubanza rwe, muri uko kurutegura hakaba harabayemo no gushakisha umwunganira kimwe nabaregera indishyi ;

RUMAZE kumva Perezida wiburanisha avuga ko ubushinja-cyaha buvuga ibyaha GASIMBA Déogratias aregwa nibimenyetso byabyo bibihamya ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa kwiregura ku byaha byose ashinjwa maze avuga ko atabyemera kuko bamubeshyera ko ku byerekeye nibintu byi Gatovu aho atuye ari munsi yumusozi kandi atahavuye kuko yari aharinze abantu bari iwe, ngo ibitero byagabwe na MUNYAGORAMA, RUZINDANA na RUFANGURA ngo nabandi atabashije kumenya bica RUSAGARA na Célestin ngiye gutabara bavuga ko bampitana ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi uwitwa BUYUMBU, MUNEZA, SIMBIZI, RUHABURA, na NSHAGAYINTWARI, agasubiza ko abazi bose uretse gusa umwe niwe atazi ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi imyifatire ya BUYUMBU, MUNEZA, SIMBIZI, RUHABURA, na NSHAGAYINTWARI, agasubiza ko atayizi we kuko benshi muri bo bazaga bambaye amakoma bavuye muri Segiteri SHYANDA ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa impamvu zatumaga atava iwe mu rugo , abazwa icyo yakoreshaga intwaro yari atunze ya gisirikare, agasubiza ko atavaga mu rugo iwe kuko yari ahafite abuzukuru be barindwi ahabarindira kandi ko iyo ntwaro ya gisirikare yari iyo kurindisha abo bantu bari mu rugo iwe ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi TWAGIRUMWAMI Raphaël, CODELINE na SINZIKWITA Antoine agasubiza ko atabazi ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi UWIMANA Caritas asubiza ko atamuzi usibye ko hari nabandi bamumubwira ndetse ko hari numunsi hari uwamubajije niba amuzi amubwira ko yahaye ruswa UWIMANA Caritas ku mpamva za NYIRAZIGAMA utuye ku bitaro ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba hari uwo yahaye amaturo igihe bari mu nkambi hafi yaho yari atuye iwe GASIMBA Déogratias agasubiza ko usibye umugore we wahaye VERONIKA ku biryo ntawundi azi kandi ko nuwo yabihaye atari ruswa ahawe ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba habonetse uhamya ko yatanze amaturo asubiza ko uwabimuhamya yaba amubeshyera ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi uko ibitero byo muri Segiteri BIBANE muri Komini Kayenzi asubiza ko aho yari atuye haciye za Segiteri eshatu ko ntabwo yari kubimenya ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa azi igitero cyateye kwa NTEZIRYAYO na NGIRABANZI cyateye agasubiza ko atabizi kandi ko abo bateye ari abana kuri we atabazi azi abantu bakuru ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa gusobanura uko yahuruye igihe bari batwaye umugore wa NGIRABANZI Claver, agatabara hamwe numwana we bakabakubita abari babateye inkoni 10 buri muntu akababwira ko nibongera arabarasa nimbunda ye ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa uko abana avuga bakubiswe nigitero agasubiza ko aho atuye naho batuye nabo hari metero 100 ugana kuri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba hari umuntu yaba yarashyiriye amaturo mu biciwe ababo mu Bitare bityo ngo biba byagaragaza neza ko yabigizemo uruhare agasubiza ko nta numwe yayahaye ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba azi UWIMANA Caritas mwene TUTUBA na MUKAMUSOZERA ukomoka muri Komini Rutobwe asubiza ko atamuzi avuga ko atuye muri Komini Rutobwe ari na nini ifite Segiteri nyinshi asanzwe azi abari mu kigero cye ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba haramutse hagaragaye ko iwe hageze ibyuma byimodoka ya SINZIKWITA Antoine ko yabyemera asubiza ko atigeze abitwara ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa niba yemera ko imodoka ya SINZIKWITA Antoine yarabagiwe mu modoka ye Hilux yumutuku asubiza ko bitigeze bijya mu modoka ye ibyo byuma byayo ahubwo uwabivuga yaba amubeshyera ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias ahakana ibyo abazwa kandi ko hari abagabo bamwiboneye mu bitero byo mu bibare Kayenzi na Rutobwe asabwa ko yatekerereza neza urukiko ubwicanyi bwakozwe aho hantu asubiza ko ntabyo yamenya ahubwo byabazwa Konseye MAHUKU watanze raporo yubwicanyi naho kubwe ntabwo yari abishinzwe ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa icyo asubiza ku mvugo ya UWIMANA Caritas, uvuga ko yamwiboneye yambaye gerenade ebyiri(2) ari kumwe numwana we winterahamwe bari mu modoka ye agasubiza ko umugabo yatanga ari IMANA akongera avuga ko atari gusiga urugo rwe rushya ngo ajye kuzimya urwabandi ;

RUMAZE kumva Maître KABUREGE Project asaba ijambo akarihabwa ati kuba GASIMBA Déogratias avuga ko atarengaga iwe mu rugo ntibisobanura ko ntaho yageraga ahubwo iyo hanze yurugo rwe habaga hatari umwanzi cyangwa hafi yurugo rwe bitamubuza kugira aho ajya, naho kuvuga ko yaba yaragiye kure yaho yari atuye ntibisobanura ko yaba yaragiye mu bitero bijya kwica abantu ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO umugabo watanzwe na GASIMBA Déogratias mu rubanza abazwa icyo avuga ku myifatire ya GASIMBA Déogratias akavuga ko yari umuntu mwiza

wahishe abantu akarengera Léonilla baturanye hafi, nimodoka ze ntabwo zagiye mu bitero ntabwo zavaga mu marembo yurugo rwe ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa niba GASIMBA ajya gusenya yajyanye niyihe modoka ndetse nigihe bamujyanye mu modoka kuri Komini ahajyanwe ninterahamwe asubiza ko atigeze abona iyo modoka ye igenda, naho imodoka GASIMBA Déogratias bamujyanyemo ajya kuri Komini ari iya Leta ariyo ya Komini ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa niba azi uko ibitero byo mu bibare Kayenzi byagenze akabazwa niba hari abo azi bavuye muri Segiteri Gatovu-Rutobwe bajya kwica abatutsi bahungiye mu bibare Kayenzi asubiza ko baje kubibabwira bakomera na GASIMBA ubwe yarabyiyumviye yuko yari ku karenge aho yari atuye naho kuvuga ko hari abavuye muri Segiteri GATOVU bajya kwica abatutsi bahungiye mu bibare Kayenzi agasubiza ko atabazi ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa niba hari abantu azi bapfiriye mu bibare Kayenzi abazwa niba azi nababishe asubiza ko bishwe ninterahamwe naho abishwe ari : RUSAGARA Patrice, nabana be, KARERANGABO nabana ba DAMIYANI ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa niba azi umugabo witwa NSHAGAYINTWARI, BUYUMBU, SHANDABA asubiza ko abazi ko uwitwa SHANDABA afunzwe ko atazi icyo afungiwe;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa igihe yahungiye nigihe yahungukiye asubiza ko atakibuka usibye ko abasirikari ba F.P.R bari bafashe Komini Nyabikenke ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa ko yasobanura uko intambara yatangiye nigihe yavuye i Gatovu akajyana na GASIMBA Déogratias, asubiza ko atibuka ukwezi nuko intambara yatangiye neza ;

RUMAZE kumva TURIKUNKIKO abazwa niba azi abantu bagiye mu bitero byavuye mu Rutobwe bijya mu Bibare-Kayenzi ahari hihishe abatutsi mwishyamba asubiza ko ari NSHAGAYINTWARI ko anabifungiye ;

RUMAZE kumva GAHUNDE Charles abazwa kubyo UWIMANA Caritas avuga ko aziko GASIMBA yamuzaniye amaturo agasanga UWIMANA Caritas adahari akayasiga, akavuga ko azagaruka asubiza ko yabyumvise ndetse bakavuga ko naba narajyanye na GASIMBA ; narabisomye mu kinyamakuru UWIMANA Caritas yambwiye ko ntarimo ari GASIMBA Déogratias mbibarilije nsanga ali nta kuri kubirimo ;

RUMAZE kumva GAHUNDE Charles abazwa ko GASIMBA Déogratias yamutanzeho umugabo wamurenganura agasubiza ko ubutabera buzareba ahari ukuri naho kuri we yatanze ubuhamya bwe imbere yumushinja-cyaha mukuru wa Pariki ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas uregera indishyi abazwa gusobanura mu magambo arambuye uko GASIMBA Déogratias yamuzaniye amaturo akavuga ko yavuye i Kayenzi asanga iwe hari amata, ibitoki, imyumbati nijerekani ilimo inzoga GASIMBA akaba yarasanze UWIMANA Caritas adahari abisigira murumuna we Espérance na MUKANTAGARA Dorothée na nyina wabo babana na musaza we ; Caritas avuga ko GASIMBA Déogratias

yasize avuze ko aza kumureba iwe bukeye bityo ntave mu rugo ; UWIMANA Caritas bukeye yagiye kuri Komini ahura mu nzira na Padiri SEMARAGITI ubwo yari agiye kubwira Burugumesitiri GAHUNDE Charles ko adashobora kunywa amaraso yumugabo we nayabana be ; Burugumesitiri yamushubije ko icyo kibazo kitamureba ahubwo ko yajya kukibwira RUKUNDO wategekaga abasirikare muri Rutobwe agiye kwa RUKUNDO, uwo RUKUNDO amubwira ko yari yazanye na GASIMBA Déogratias kugira ngo amusabe ubwiyunge, UWIMANA yasabye RUKUNDO ko yamwemerera akamena ayo maturo ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas abazwa niba igihe GASIMBA Déogratias yari yavuze ngo ko aza kumureba mu rugo iwe yarahamusanze, asubiza ko yasanze yagiye gushaka abasirikare na Burugumesitiri ;

RUMAZE kumva MUKAMURIGO Béatrice uregera indishyi asabwa gutanga umwirondoro we akabazwa uwo arega nicyo aregera, yasubije ko arega GASIMBA Déogratias akamurega indishyi zakababaro, akavuga ko yashyize interahamwe mu modoka ye, maze ziza kwica abatutsi bi Kayenzi nabahahungiye bose akavuga ko iyo atari kuzana mu modoka ye interahamwe hari kugira abarokoka ; nkaba mbasabira 800.000.000 Frs ku muryango wose wanjye wapfuye ;

RUMAZE kumva RUTABINGWA Gérard abazwa gutanga umwirondoro we mu bwanditsi bwurukiko akabazwa uwo arega nicyo amuregera, agasubiza ko arega GASIMBA Déogratias kuko yishe umuryango we wari mu bibare Kayenzi akaba asaba indishyi zihwanye na 60.000.000 Frs kandi ko bishwe na GASIMBA afatanyije nabaturage bamwe ba Rutobwe, avuga ko ibyo byavuzwe na NGAMBAGE, DUSHIKUMUGABO Désiré ; bo bari kumwe nabicwaga mu Bibare, akavuga ko kuri muramu we wapfuye indishyi azazakirwa nabo mu muryango wabo ;

RUMAZE kumva RUTAYISIRE Innocent abazwa gusobanura uwo arega icyo amurega akavuga ko yari muri Komini Kayenzi maze ibitero bijya i Kayenzi byica umuryango we ariwo : MUKANEMERA Adriya, MUKANDAYISABA, BENIMANA, BANYONI François ;

RUMAZE kumva RUTAYISIRE Innocent abazwa niba yariboneye GASIMBA Déogratias mu bitero byi Kayenzi mu Bibare na Rutobwe asubiza ko yamwiboneye hakaba hari haje imodoka nyinshi zirimo niya GASIMBA Déogratias yitwaje nimbunda na grenade kandi ko ubusanzwe yari amuzi ndetse ko mu bitero GASIMBA Déogratias yajemo yari kumwe na BUYUMBU bari kumwe na SIMBIZI uwitwa NSHAGAYINTWARI abagira imodoka ya SINZIKWITA Antoine mu modoka ya GASIMBA Déo.

RUMAZE kumva MUKAMPABUKA Susan, abazwa kuvuga icyo aregera GASIMBA Déogratias, asubiza ko yamwiciye umugabo we KAYIRO Bathazar numwana we NYIRUMURINGA Fortunata, bigaga muri segonderi ;

RUMAZE kumva MUKAMPABUKA Susan, abawa gutanga ibimenyetso bigaragaza ko ari GASIMBA Déogratias wishe umugabo we nabana be asubiza ko yiboneye GASIMBA mu bitero anafite imbunda na grenade hamwe ninterahamwe ;

RUMAZE kumva KANDAMA Simoniya abazwa kuvuga icyamubwiye ko igitero cyabateye aho bari bari mu gitondo cyo kuwa gatatu aho bari bihishe asubiza ko byarimo GASIMBA

Déogratias, afite imbunda avuga ngo nibakore ntibasige umututsi bakore nkuko bakoze mu micucu nyuma bazabaze uko umututsi yasaga ;

RUMAZE kumva KANDAMA Simoniya abazwa gusobanura indishyi asabira abe bapfuye akavuga ko GASIMBA akwiye kumuha miliyoni mirongo inani 80.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva MUSHIKIWABO Dorocella abazwa uwo arega nicyo aregera akavuga ko arega GASIMBA Déogratias, kandi ko anamusaba indishyi kuko yazanye igitero kikica abe KANDIDI Budesiyana, MUNYESHYAKA, NIYONSABA Evariste, UWIMANA Dancilla, MUKAMANA Marthe, MUGORENEJO , KAMANZI , MUKARUKARA, na NKURIKIYINKA nabana babo ;

RUMAZE kumva MUSHIKIWABO Dorocella abazwa ko abapfuye mu Bibare bishwe na GASIMBA Déogratias, asubiza ko bishwe na GASIMBA kuko yarafite ubwo imbunda ahetse ninterahamwe mu modoka ya Hilux bavuye muri komini Rutobwe akavuga ko atari asanzwe amuzi akaba yarafashe isura ye uko isa, akavuga ko yamenye GASIMBA ubwo yari agiye muri Komini Rutobwe gusura abantu nibwo yitegereje GASIMBA Déo abona ariwe yabonye mu bitero byabereye mu Bibare Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUSHIKIWABO Dorocella abazwa uko yasobanura uko indishyi asaba zingana akavuga ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha miriyoni mirongo inani (80.000.000 Frs) ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas uregera indishyi abazwa icyo ashinja GASIMBA Déogratias asubiza ko amushinja ko yishe abatutsi afatanyije ninterahamwe yazanye mu modoka ye yumutuku Hilux ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas abazwa ko yasobanurira urukiko uko yamenye ko abatutsi bari mu Bibare bishwe na GASIMBA Déogratias, asubiza ko uwitwa TWAGIRUMWAMI abyemeza ko ari GASIMBA Déogratias wishe abatutsi kuko ubwe yavuze ngo ko baramutse batishe UWIMANA Caritas mwene SAMWELI ko bene wabo inyenzi nibaza bazabamaraho ni nabwo yabajije imwe mu nterahamwe bazanye niba hari inyenzi nimwe isigaye iyo nterahamwe imusubiza ko inyenzi isigaye iri ku Kamatongo ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas abazwa ko azi aho abishe abatutsi bari barahungiye mu Bibare baherereye, asubiza ko bamwe muri bo bafunzwe abandi ntiyabavuga abavuze bazamwica;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas abazwa niba yarabonye imodoka ya GASIMBA Déo asubiza ko yayibonye nubwo yari yihishe munsi yumuhanda ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas abazwa ko yasobanura indishyi asaba uko ziteye akavuga ko kubura abe bapfuye arasaba indishyi zingana namafaranga miriyoni ijana (100.000.000 Frs) ;

RUMAZE kumva URAYENEZA Théogène abazwa gusobanura uwo arega nicyo aregera akavuga ko arega GASIMBA kubera ko yaje i Kayenzi ayoboye igitero kikica ababyeyi be nabavandimwe be aribo : J. Bosco, MURERENEZA Cécile, UWIRAGIYE, UFITAMAHORO

Prosper, UFITABABYEYI Claudine, UWABABYEYI akavuga ko anamurega kumuha indishyi zabe bapfuye ;

RUMAZE kumva URAYENEZA Théogène abazwa kuvuga ukuntu yamenye ko ari GASIMBA Déogratias ariwe wishe abantu be asubiza ko yamwiboneye yari no mu batutsi barokokeye i Kayenzi hamwe na DUSHIKUMUGABO Désiré hamwe numugore we ;

RUMAZE kubona URAYENEZA Théogène abazwa kuvuga indishyi asaba GASIMBA uko zingana akavuga ko ari miliyoni mirongo itanu 50.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO Désiré abazwa uwo arega nicyo aregera akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko yazanye ibitero i Kayenzi kikica abatutsi bahahungiye mu Bibare barimo abanjye MUKAMUSONI Alvera, nyina , mukuru we, hamwe numugore we hamwe nabana be batatu, BENURUGO, TWAGIRIMANA, NSANZIMANA, hapfa bashiki be, BAMURANGE, Athanasie, NIBAGWIRE, MBERABAKOBWA, UFITINKA Joséphine hamwe na murumuna we wapfuye MUSONI Sylvère ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO Désiré abazwa ko yakwerekana ibimenyetso bigaragaza ko abantu bishwe mu Bibare ari GASIMBA Déogratias wabishe, asubiza ko aho yari yihishe hamwe nuwitwa SIMBIZI biboneye GASIMBA Déogratias azanye mu modoka ye ahetsemo interahamwe nabapolisi ubwe GASIMBA Déogratias afite nimbunda ;

RUMAZE kumva RUTAYISIRE Innocent avuga ko mwishyamba ryo mu Bibare Kayenzi bahungiyemo bari hafi 4.700 akavuga ko kuva GASIMBA Déogratias afunzwe nta mutekano abarokotse bo mu Rutobwe bafite ;

RUMAZE kumva KAYITESI Grâce abazwa uwo arega nicyo aregera , agasubiza ko arega GASIMBA Déogratias, kuko ariwe wamwiciye abantu be afatanyije ninterahamwe yaje ahetse mu modoka ye ;

RUMAZE kumva KAYITESI Grâce abazwa imyaka yamavuko afite asubiza ko ari imyaka cumi numunani (18 ans) ;

RUMAZE kumva KAYITESI Grâce ko adafite imyaka ikwiye kuba yakwiburanira yemewe namategeko Perezida wiburanisha avuga ko akwiye guhagararirwa nabafite ububasha amategeko yemerera ;

RUMAZE kumva KAYITESI Grâce avuga ko ahagararirwa na DUSHIKUMUGABO Désiré kandi ko ari se wabo ariwe waregeye umuryango wiwabo ;

RUMAZE kumva NSENGIYUMVA abazwa imyaka afite akavuga ko ari makumyabiri numwe (21 ans) ;

RUMAZE kumva NSENGIYUMVA abazwa impamvu imyaka yavuze idahuje niyanditse mu iranga-muntu ye ;

RUMAZE kumva Perezida wiburanisha ryurubanza avuga ko na NSENGIYUMVA yashaka umuhagararira cyangwa akabisaba ubushinja-cyaha kumuhagararira muri uru rubanza ;

RUMAZE kumva MUGIRANEZA asabwa ko yatanga ikirego cye ; akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko yishe se SINZIKWITA Antoine na se wabo NTAGWABIRA Charles ;

RUMAZE kumva MUGIRANEZA abazwa gusobanura neza icyo aregera, akavuga ko hari ibintu byari kwa se SINZIKWITA Antoine, ubwo bishe BUCYANA nibwo yavuye kwa se ubwo yahasize amavarize atatu, imyenda yabana, ahasiga inka eshatu ningweba yahawe na se SINZIKWITA Antoine akaba yari yarabyariye kwa se, ibintu byose byasahuwe na GASIMBA Déogratias hamwe nigitero yari yazanye bikaba bifite agaciro kamafaranga 400.000 Frs (ibihumbi magana ane) ;

RUMAZE kumva MUGIRANEZA avuga ko afite impfubyi eshatu zasizwe na NTAGWABIRA Charles ;

RUMAZE kumva MUGIRANEZA abazwa gutanga ibimenyetso byerekana ko igitero cyishe abantu be cyazanywe na GASIMBA Déogratias asubiza ko we atari mu Bibare Kayenzi aho biciwe akaba afite abagabo babyemeza ko bishwe na GASIMBA Déogratias ;

RUMAZE kumva MUGIRANEZA abazwa uko inka yahawe na se SINZIKWITA Antoine zanganaga akavuga ko zari inka zikiri ntoya kandi abagabo bazizi uko zingana nuwazimuhaye ni MUHIZI na Conseiller wa Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA abazwa uwo arega nicyo aregera akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko abantu be bapfuye bishwe nigitero yazanye hapfamo abe : MUKAMURENZI, NYIRANSABIMANA, na MUHORAHOZA Gérard ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA abazwa ko yatanga ibimenyetso byerekana ko GASIMBA Déogratias yari mu gitero abantu be baguyemo agasubiza ko yiboneye GASIMBA Déogratias atwaye imodoka inyuma yashyizemo interahamwe basohotse bavanamo intwaro bazijyana kwa SERUGENDO izo ntwaro zari imbunda, inkota, imihoro namasitimu ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA abazwa ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabo bapfuye akavuga nindishyi asaba kuko bapfuye asubiza ko atabibona (ibyo byemezo) kuko babyimana kubera ko bashinja ubwicanyi GASIMBA Déogratias ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO Désiré abazwa niba azi uwakuye ibyuma byimodoka ya SINZIKWITA Antoine akavuga ko byasahuwe na YOHANI , YOZEFU ni abahungu ba NSHAGAYINTWARI bose bari bazanwe nimodoka ya GASIMBA Déogratias ni nayo yapakiye ibyo byuma byasahuwe ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO Désiré abazwa gusobanura indishyi asaba uko ziteye akavuga ko indishyi asaba GASIMBA Déogratias kubera abe bapfuye zingana na miliyoni mirongo inani namafaranga mirongo itanu (80.000.050 Frs) ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean abazwa uwo arega nicyo amuregera akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko yazanye igitero kirimo NSHAGAYINTWARI bakica abantu be bangana nijana na mirongo ine numwe 141 agasaba ko GASIMBA Deogratias yamuha indishyi ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean abazwa kuvuga abo aregera akavuga ko aregera gusa umugore we wishwe, abana be , ababyeyi be, nabo bavukana aribo : MUGWANEZA Laurence, MWITIREHE, GASAKE, ZANINKA, KABARISA, MUKANDENGO Vilginie, MUKAMANA Rose, KAMANA, HABIYAREMYE, NIYONSABA Narcisse, na NIYOMWUNGERI ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean abazwa gutanga ikimenyetso kigaragaza ko abantu be bishwe na GASIMBA Déogratias asubiza ko yamwiboneye yari anasanzwe azi GASIMBA Déogratias yaje mu gitero afite imbunda ari kumwe na NSHAGAYINTWARI hamwe nabahungu be babiri bari kumwe ninterahamwe ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean abazwa kuvuga indishyi asaba uko zingana asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miliyoni magana inani namafaranga abiri nurumiya (800.000.000 Frs) ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa ko yasobanura ibyo azi kuri uru rubanza asubiza ko yabonye GASIMBA Déogratias atwaye interahamwe mu modoka ye yumutuku hilux akavuga ko GASIMBA déogratias ninterahamwe yari ahetse mu modoka ye baje babasanga aho bihishe mwishyamba ryo mu bibare Kayenzi baturutse muri komini Rutobwe bazanye amamodoka menshi zimwe ziturutse i kayenzi kuri Komini ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa gutanga ikimenyetso kerekana ko GASIMBA Déogratias ariwe wishe abantu be asubiza ko yamwiboneye ubwe GASIMBA Déogratias atwaye imodoka inyuma ahetsemo inerahamwe baje mu gitero cyabereye mu bibare ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa niba imodoka yita ko ari iya GASIMBA Déogratias ariwe ubwe wari uyitwaye asubiza ko yamwiboneye ava muri kabini yimodoka afite intwaro zagisirikare azijyana kwa SERUGENDO ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa gusobanura neza intwaro ki yabonanye GASIMBA Déogratias asubiza ko zari imbunda , inkota, imihoro namasitimu amurika ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa ko yasobanura uko indishyi ziteye , avuga ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miliyoni ebyiri (2.000.000 Frs) ku be bapfuye;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa ko yatanga ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye asubiza ko atabifite azabishaka nyuma akabona kubibashyikiriza (kubishyikiriza urukiko) ;

RUMAZE kumva NYIRAROMBA abazwa icyo aregera akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko muri Mata 1994 yagize uruhare mwiyicwa ryabatutsi bari mu Bibare akaba ubwe yazanye mu modoka ye interahamwe anafite nimbunda ;

RUMAZE kumva NYIRAROMBA abazwa ko azi izo nterahamwe GASIMBA yazanye mu modoka, asubiza ko hari uwitwa MUVUZANGOMA Prosper yahoze ari na Diregiteri wishuri, MUNYEPERU ufungiye muri prison ya Gitarama ;

RUMAZE kumva NYIRAROMBA abazwa ko yasobanura uko yamenye ko abantu bapfuye mu Bibare bishwe nabantu GASIMBA yari ahetse mu modoka ye, asubiza ko ubwo yageze mu Bibare yasanze bamaze kubica ;

RUMAZE kumva NYIRAROMBA abazwa ko yasobanura uko indishyi asaba ziteye, asubiza ko abo asabira indishyi ari abe bapfuye : NZABONARIBA, NYANDWI, GALIKANI, NYABYENDA, MUNANI, NYIRAMAKUTA, ALVERA, MUKARUBAYIZA, NA KAYIZA Félicité akaba abasabira bose hamwe indishyi zingana na miliyoni mirongo itandatu (60.000.000 Frs) ;

RUMAZE kumva NYIRAROMBA abazwa ko yatanga ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye asubiza ko yagiye kuri Komini kabiri gusaba ibyemezo byamasano ntiyabihabwa ;

RUMAZE kumva SINZIKWITA Valens abazwa gutanga ikirego cye uko giteye akavuga ko arega GASIMBA Déogratias ko ariwe wazanye igitero kigahitana ababyeyi be aribo : SINZIKWITA Antoine na MUGOREWINDEKWE Stephanie hamwe na se wabo RWANDIGA Jean baptiste ;

RUMAZE kumva SINZIKWITA Valens abazwa gutanga ikimenyetso kigaragaza ko GASIMBA Déo ariwe wishe ababyeyi be, asubiza ko afite abagabo babyiboneye banabimushinja aribo : RUTAYISIRE Innocent, DUSHIKUMUGABO Désiré, UWIMANA Caritas na NGARAMBE ;

RUMAZE kumva SINZIKWITA Valens abazwa ko yasobanura indishyi asaba uko zingana akavuga ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miriyoni mirongo ine 40.000.000 Frs yagaciro kimodoka Peugeot 504 basahuye inka makumyabiri(20) zinzungu zifite zifite agakiro ka miliyoni esheshatu 6.000.000 Frs urutoki batemye rufite agaciro k'aafaranga ibihumbi magana inani 800.000 Frs, imyumbati yasahuwe yari mu milima ifite agaciro k'amafaranga ibihumbi cumi numunani 18.000 Frs , amafaranga yimpozamarira angana na miliyoni icumi 10.000.000 Frs indishyi zose hamwe ni miliyoni mirongo itatu nebyiri magana cyenda na mirongo inani (32.980.000 Frs) ;

RUMAZE kumva SINZIKWITA Valens abazwa ko yatanga ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye akavuga ko abifite ndetse abishyikiriza ubwanditsi bwurukiko ;

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars abazwa ko yatanga ikirego cye, agasubiza ko ari GASIMBA Déogratias arega ubwo intambara yo muri mata 1994 yarangiraga ubwo yasubiye ku ivuko i Kayenzi, i Bunyonga asanga abe barapfuye : MUKAKIBIBI, RUSANGANWA, BURAGATARE Jean Baptiste, MUKAKABERA nabana bane aribo : RUBONA, BELTRA, IRIBAGIZA, MUHIGIRA numugore we hamwe nabana be bane igitero cyabishe cyazanwe na GASIMBA Déogratias kuko abifitiye gihamya banazikurura imva ya BURAGATARE Jean Baptiste wapfuye mu kwezi kwa 10/93 ;

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars abazwa niba afite abagabo bemeza ko abantu be bapfuye bishwe na GASIMBA Déogratias asubiza ko ibyo byemezwa nabagabo aribo : DUSHIKUMUGABO, NGAMBAGE Jean, RUTAYISIRE Innocent, MUHIMPUNDU ;

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars abazwa ko yasobanura indishyi asaba uko zingana ; asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zamazu abiri yashenywe afite agaciro kamafaranga miliyoni umunani 8.000.000 Frs hamwe nigipangu cyayo mazu bifite agaciro ka miriyoni icumi 10.000.000 Frs, ku bintu byasahuwe byo munzu bifite agaciro kamafaranga ibihumbi magana atatu 300.000 Frs ku bintu bindi byari mu nzu bifite agaciro kamafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu 150.000 Frs, ku nka 4 zasahuwe zifite agaciro kamafaranga ibihumbi magana ane 400.000 Frs ; urutoki rwatemwe rufite agaciro kamafaranga ibihumbi magana atandatu 600.000 Frs ;

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars abazwa impamvu asaba indishyi GASIMBA Déogratias ku muryango wa se wabo wapfuye agasubiza ko atunze impfubyi yasigiwe nabo ; kandi ko bashenye inzu ye ifite agaciro kamafaranga miliyoni eshatu 3.000.000 Frs, intebe zo mu nzu zifite agaciro kamafaranga ibihumbi magana itatu 300.000 Frs, imirima nintoki zatemwe zifite agaciro ka 400.000 frs ibihumbi magana ane ;

*IIème Partie*

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars ahabwa ijambo akavuga ko yasigiwe impfubyi za se wabo arera eshanu (5) akaba azisabira indishyi yakababaro hamwe nawe zifite agaciro kibihumbi mirongo itandatu 60.000 Frs ;

RUMAZE kumva BURAGATARE Wellars abazwa niba afite ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye arigusabira indishyi agasubiza ko abifite akabitanga mu bwanditsi bwurukiko ;

RUMAZE kumva BERABOSE Alexia abazwa ko yatanga ikirego cye akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko yazanye igitero kijya i Bunyonga Kayenzi cyica ababyeyi be : RWANDINDA Jean, na MUKAGITIMYWA na barumuna be aribo : UWIMPUNDU Béatrice, MUTETE Marie Jeanne, NYIRABWIZA , NYIRABUKARA, hamwe na basaza be babiri ;

RUMAZE kumva BERABOSE Alexia abazwa ko yatanga ibimenyetso bigaragaza ko GASIMBA Déogratias ariwe wazanye ibitero byateye mu bibare Kayenzi asubiza ko iwe atarahari kuko yari i Kigali ariko ko hari abagabo babizi ndetse ko babyiboneye aribo : UWIMANA Caritas, RUTAYISIRE Innocent, na NGAMBAGE Jean ;

RUMAZE kumva BERABOSE Alexia abazwa ko yasobanura indishyi asaba uko zingana akavuga ko ababyeyi be bishwe akiga ishuri aribo bamurihiraga kandi ko ageze mu mwaka wa gatatu wishuli ryisumbuye, hari ninzu basahuye ifite agaciro ka miliyoni eshatu 3.000.000Frs naho ku mafaranga yishuri yamurihira ari miliyoni imwe 1.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva BERABOSE Alexia abazwa ko yatanga ibyemezo bigaragaza amasano amasano afitanye nabe bapfuye asubiza ko azabizana ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa gutanga ikirego cye akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kuko abantu be biciwe mu bibare Kayenzi aribo : RWABUDIGI Valens, HABUMUREMYI, NDEZI, TUYISENGE, BAJYAGAHE Callixte ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa niba afite ibimenyetso bigaragaza ko abantu be bapfuye bishwe na GASIMBA Déogratias asubiza ko hari kuwa kabiri yari agiye mu i Ramba asanga GASIMBA Déogratias bari mu nama maze GASIMBA Déogratias avuga ko hari amabwiriza avuye i Kigali ko bakwiye kwica abatutsi bose barya ninka zabo kugirango bihanagure amaraso yabatutsi ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa niba hari abandi bantu azi bari muri iyo nama yari yabereye mu i ramba asubiza ko abo yari azi bari bayirimo ari bakeba be babiri kandi ko bapfuye abandi bari bayirimo nibo bishe abantu babo ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa ko yatanga ibimenyetso bigaragaza neza ko GASIMBA Déogratias yari afite imbunda kandi ko ariyo yicishije abantu bari barahungiye mu Bibare Kayenzi , asubiza ko aribo bishe abatutsi bahungiye mwishyamba rya Bibare i Kayenzi babamaraho nyuma yamajoro atatu ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa ko Déogratias GASIMBA hari uwo bari kumwe igihe yajyaga kwica abatutsi bari barahungiye mu ishyamba ryo mu Bibare i Kayenzi, AYINKAMIYE Colette asubiza ko yiboneye ubwe GASIMBA Déogratias ari kumwe na SERUKERA, MUVUNANTARA, bose bakaba baraje mu mamodoka ane imodoka zimyeru zari eshatu hamwe niyumutuku imwe ya GASIMBA Déogratias kandi ko yari asanzwe ayizi ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa niba hari icyo yaba azi ku mbunda yari itunzwe na GASIMBA Déogratias nicyo yaba yarayikoresheje mu gihe cyintambara ya Mata 1994, asubiza ko GASIMBA Déogratias atari gutunga imbunda ari ntacyo ayikoresha ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa ko yaba yariboneye ubwe abantu baje kwica abatutsi bahungiye mu Bibare Kayenzi ; asubiza ko yabiboneye kandi ko GASIMBA Déogratias yari afite imbunda ubwo hari kuwa gatatu no kuwa kane baraye bahangana nabatutsi bahungiye mwishyamba ryo mu Bibare Kayenzi nibwo basize babishe ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa ko yasobanura neza uko indishyi asaba zingana asubiza ko indishyi asaba GASIMBA Déogratias kube bapfuye zingana na miriyoni mirongo itandatu 60.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva AYINKAMIYE Colette abazwa niba hari ibyangombwa afite bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye , asubiza ko ntabyo yari yahabwa na Burugumesitiri ;

RUMAZE kumva KABASINGA Béata abazwa ko yatanga ikirego cye akavuga uwo arega nicyo aregera asubiza ko arega GASIMBA Déogratias kebera umuryango we wose wapfuye ariwo : SEMANA Edouard, NYIRANEZA, KANJIMA, MUKANYANDWI, SINDAHEBA, NISHIME Thérèse, MUSHIMIYIMANA Donatille, akomeza avuga ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi kube bishwe ;

RUMAZE kumva KABASINGA Béata abazwa ko yasobanura neza indishyi asaba uko zingana asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miliyoni mirongo itandatu 60.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva MUSANABERA abazwa ko yatanga ikirego cye avuga ko arega GASIMBA Déogratias ko yishe abantu be barimo umugabo we KABAYIZA Théoneste, MUSABIRE, nabandi bo mu muryango we atavuze ;

RUMAZE kumva MUSANABERA abazwa ko yasobanura icyo aregera GASIMBA Déogratias , avuga ko hari ahantu GASIMBA Déogratias yagiye gukoresha inama aho ni muri Segiteri Mara maze ahatanga amabwiriza ko bashyiraho za bariyeri nyinshi aho umututsi ari hose maze yicwe ninka zabo ziribwe , maze GASIMBA Déogratias abaha ibikoresho aribyo : imihoro , amahiri, namafirimbi hari kuwa mbere saa munani batangira ubwo kwica abatutsi bari bahungiye mu Bibare Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUSANABERA abazwa niba imodoka ya GASIMBA Déogratias yari itwawe na GASIMBA Déogratias asubiza ko ariwe ubwe wari uyitwaye irimo MUSABE na MUVUZANGOMA Prosper ;

RUMAZE kumva MUSANABERA abazwa ko yasobanura neza indishyi asaba GASIMBA Déogratias uko zingana , asubiza ko hari inka zabo bariye , amazu bashenye, butiki yasahuwe hamwe nabantu be bishwe naho ku bintu byononekaye abisabira indishyi ingana na miliyoni mirongo itatu 30.000.000 Frs ku bantu be bapfuye asaba indishyi ingana na miliyoni mirongo itanu 50.000.000 Frs zose indishyi muri rusange akaba asaba miriyoni mirongo inani 80.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva MUSANABERA abazwa ko yatanga ibyangombwa bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye asubiza ko yabyimwe na Burugumesitiri ;

RUMAZE kumva MUKANKUSI Espérance abazwa ko yatanga ikirego cye asubiza ko arega GASIMBA Déogratias kuko imodoka ye yayizanyemo interahamwe baturutse muri Komini Rutobwe baje i Mara ndetse ni Kayenzi bari kumwe na SERUGENDO na Prosper bahica abatutsi bari barahungiye i Mara babata mu ruzi ; bica nabandi batutsi bari barahungiye mu ishyamba ryo mu Bibare Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUKANKUSI Espérance abazwa niba ubwe yariboneye GASIMBA Déo i Mara no mu Bibare  Kayenzi asubiza ko yamwiboneye kandi aho bari bari abatutsi hapfiriye umugabo we NYIRINKWAYA, BWIMANYI Callixte, KIRISENSIYA, UWINTEGE na UMUHOZA biciwe muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva MUKANKUSI Espérance abazwa ko yasobanura neza indishyi asaba asubiza ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miliyoni mirongo itanu neshanu 55.000.000 Frs

RUMAZE kumva MUKANKUSI Espérance abazwa ko yatanga ibimenyetso bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye asubiza ko ntabyo Burugumesitiri yamuhaye ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Coreth abazwa ko yatanga ikirego cye , asubiza ko arega GASIMBA Déogratias kuko igitero yazanye cyica umubyeyi we : KABANGO Vincent ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa ko yatanga ikimenyetso kemeza ko abantu be bishwe na GASIMBA Déogratias asubiza ko hari abagabo bamwiboneye aribo : NGAMBAGE, MUHAYIMPUNDU, KARARA, RUTAYISIRE Innocent, na DUSHIKUMUGABO Désiré ;

RUMAZE kumva SEMUHUNGU abazwa ko yasobanura neza indishyi asaba uko zingana , asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias, yamuha indishyi zingana na miliyoni mirongo itanu 50.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva SEMUHUNGU abazwa ko yatanga ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye, asubiza ko azabizana kandi ko yifuza ko umutungo wa GASIMBA Déogratias wafatirwa bityo ntube warigiswa ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa ko yasobanura neza uko indishyi asaba ziteye , asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi kuko ariwe wamwiciye umuryango we ariwo : KABANDA Vianney, HABIYAMBERE Célestin, NIYIGABA Wenceslas, MUKANSANGWA Judith, SIMBIZI Athanase, na TWAGIRAYEZU ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa ko hari ibimenyetso bigaragaza ko ari GASIMBA Déogratias wishe abantu be, asubiza ko afite abagabo babyemeza aribo : NGARAMBE, MUHIMPUNDU, KARARA na KANDAMA Simoniya ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa ko yasobanura neza uko indishyi asaba zingana asubiza ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi zingana na miriyoni mirongo itanu 50.000.000 Frs ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa niba afite ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye ; asubiza ko abifite kandi ko abishyikiriza ubwanditsi bwurukiko ;

RUMAZE kumva UWINGABIRE Goretti abazwa ko niba ariwe wiregera ku giti cye, asubiza ko aregera musaza we kandi koko amaze kwerekana iranga-muntu ye igaragaza ko bafitanye amasano ku babyeyi babo ;

RUMAZE kumva MUKAYIJUKA abazwa ko yatanga ikirego cye, asubiza ko arega GASIMBA Déogratias kubera umuryango we wapfiriye mu Bibare-Kayenzi uwo muryango ugizwe na KAMUYUMBU, Arcel MUNYERAGWE, Devota MUTOTO, TWAGIRAMARIYA Jeannette, MUKASHEMA Chantal, na NIWEMUGABO ;

RUMAZE kumva MUKAKAYIJUKA abazwa ko yatanga ibimenyetso bigaragaza ko umuryango we wishwe na GASIMBA Déogratias, avuga ko afite abagabo babyemeza kandi ko bishwe na GASIMBA Déogratias nkuwitwa KABASINGA Beata na DUSHIKUMUGABO barabyemeza ;

RUMAZE kumva MUKAKAYIJUKA abazwa ko yasobanura uko indishyi asaba zingana ; avuga ko asaba GASIMBA Déogratias yamuha amafaranga miliyoni magana abiri (200.000.000 Frs) maze ashyikiriza ubwanditsi bwurukiko ibyemezo bigaragaza amasano afitanye nabe bapfuye ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean abazwa ko yatanga ikirego cye, akavuga ko arega GASIMBA Déogratias kandi ko ahagarariye KALISA ;

RUMAZE kumva NGARAMBE Jean asaba ijambo akarihabwa akavuga ko ahagarariye KALISA, kandi ko ari GASIMBA Déogratias barega bakanamusaba nindishyi za babo bapfuye ;

RUMAZE kubona ko NGAMBAGE Jean adafite uburenganzira bwo guhagararira KALISA, kuko atari umwishingizi we kandi ko nawe na KALISA avuga ko ahagarariye adafite imyaka yo kwuburanira mu kirego yatanze mu rukiko bityo ikirego cye kikaba kidashobora kwakirwa ;

RUMAZE kumva ijambo ryubushinja-cyaha bwasabye kuvuga ko abana badakwiye imyaka yo kwiburanira kimwe nabandi batishoboye bazaza aho bukorera bitwaje ibyemezo byerekana amasano bafitanye nababo bapfuye maze buzabatangire ikirego ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha butanze icyifuzo cyabwo ko urukiko rwakwikorera iperereza kuko bwo busanga ibyaha bihana uregwa ariwe GASIMBA Déogratias ari bitatu gusa : icyaha cyo gufasha abicanyi abaha ibikoresho, kugirira nabi abatutsi no gusahura ibyuma byimodoka ya SINZIKWITA Antoine nicyaha cyubuhotozi bwakorewe abatutsi bari barahungiye mu Bibare Kayenzi ;

RUMAZE kubona ko iburanisha ryuru rubanza rirangiye ababuranyi bakamenyeshwa ko ruzasomwa kuwa 25/07/1997 saa munani ;

RUMAZE kubona ko iyo tariki yavuzwe haruguru igeze urubanza ntirwasomwa kubera amahugurwa atarasanzwe ateganyijwe yabacamanza, ababuranyi bakamenyeshwa ko ruzasomwa kuwa 08/08/1997 saa munani ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi wageze rugafata icyemezo cyo kuzikorera iperereza ryuru rubanza, icyo gihe amagarama rukaba rurayasubitse, rumenyesha ababuranyi ko rusomye rutinze kubera ko habaye amahugurwa yabacamanza atari asanzwe ateganyijwe ;

RUMAZE kubona ko kuwa 26/08/1997 no kuwa 04/9/1997 abacamanza batangiye iburanisha ryuru rubanza hamwe nabanditsi burukiko bakoze iperereza muri Segiteri zikurikira : Segiteri Bunyonga iri muri Komini Kayenzi, Segiteri Mara iri muri Komini Rutobwe, Segiteri Giko iri muri Komini Rutobwe na Segiteri Ntonde iri muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kubona ko iperereza rirangiye ababuranyi bakamenyeshwa ko isubukurwa ryurubanza rizaba kuwa 18/09/1997 saa cyenda ;

RUMAZE kubona ko iyo tariki ya 18/9/1997 isubukurwa ryurubanza rikaba ababuranyi bose bahari rwitabwamo nabandi bagabo batanzwe nabaregera indishyi , abo bagabo ni MUHIMPUNDU, RUDASINGWA Alexis, UMUHOZA J. Claude, HABARUGIRA Théoneste na MUJAWIMANA ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO uregera indishyi asaba ijambo, akavuga ko abagabo bavuzwe haruguru abaregera indishyi bifuza ko baba abagabo muri uru rubanza kuko hari ibyo biboneye namaso yabo ku byabaye muri Bibare nahandi hapfiriye abatutsi muri Kayenzi ;

RUMAZE kubona ko itariki yo kuwa 26/08/1997 abacamanza batangiye uru rubanza hakabazwa abantu bakurikira bamaze kurahira ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle mwene NSHAGAYINTWARI Balthazar na Gatarina NYIRANZABAMBARIRWA, utuye Segiteri Bunyonga, Komini Kayenzi afite imyaka 38 ubu afungiye muri cachot ya Kayenzi ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa ko hari abantu azi bapfuye mu Bibare , asubiza ko intambara yo muri Mata 1994 yabaye ari i Bunyonga abantu azi bapfuye baguye i Bibare ahari harahungiye abatutsi nyuma yiminsi ine abaturage bari bamaze guhunga hafi ya bose kuko interahamwe zari zaravuze ko zizabica nibwo haje imodoka igiye mu Bibare ihageze batangira kurasa aho abatutsi bihishe mwishyamba ryo mu Bibare, icyo gitero cyari kizanwe numuhungu wa MUZIGURA hamwe na Burugumesitiri wa Kayenzi ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa uko yamenye ko imodoka zagiye mu Bibare mu gihe habaga intambara mu Bibare atari ahari asubiza ko atari kubiyoberwa kuko igihe igitero cyateye mu Bibare kivuyeyo bigambaga bavuga ko boherejwe na Burugumesitiri wa Kayenzi kwica abatutsi mu Bibare ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba mbere ko hajya igitero mu bibare kurasa ari ntaho yari yarigeze ajya ; asubiza ko barasaga ku gasozi nibwo yagiye iwabo kubabwira ngo baze gutwara inka yabo bayijyane iwabo muri Komini Rutobwe;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba nta modoka azi yavuye mu Rutobwe ijya i Kayenzi, asubiza ko ntayo, kuko hari abavugaga ko zaje bazirebera aho ziturutse ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa ko nta gitero azi cyavuye muri Komini Rutobwe asubiza ko nta Komini nimwe itaraje gutera mu Bibare nka Kayenzi, Rutobwe, Nyabikenke, ndetse na Musambira avuga ko yabyumvise bagenda babivuga abaturage ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba azi uburyo baje bavuye muri Komini Rutobwe asubiza ko baje namaguru kandi ko ntabo babashije kumenya muri bo ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa ko yasobanura neza uburyo ayo ma Komini yose yahuriye mu Bibare yaba ari nde wari watanze iyo gahunda, asubiza ko ntawe azi gusa ko yumvise abaturage bavuga ko ari Burugumesitiri wahamagaye aya ma Komini yose ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba azi uwitwa GASIMBA Déogratias asubiza ko amuzi ari umucuruzi wi Gitarama akaba yari atuye Karehe muri Komini Rutobwe, tukaba duherukana nkiri umwana ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba yarigeze abona GASIMBA Déogratias mu bitero byo mu Bibare, asubiza ko atigeze amubona ;

RUMAZE kumva TWIZEYIMANA Adèle abazwa niba yarabonye imodoka ya GASIMBA Déogratias mu bitero cyangwa se ngo ube warumvise abaturage bavuga ko yagiye mu

Bibare  Kayenzi, asubiza ko ntayo yabonye kandi ko ntabwo yigeze yumva bavuga ko yahagiye ;

RUMAZE kumva MBONIYEZE Déogratias mwene Ntali na Nyirinyanja utuye muri Segiteri Bunyonga, Komini Kayenzi, Gitarama ufite imyaka 72 akaba afungiye muri kasho ya Komini Kayenzi abazwa aho yari mu gihe cyintambara ya Mata 1994 asubiza ko yari muri Segiteri Bunyonga hakaba harapfiriye abantu benshi;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa ko yavuga mu magambo make uko ibitero byagenze, avuga ko nabo babyumvaga gutyo bikiri i Kigali ko hari abantu bavanwa mu modoka bakabica nyuma niho byageze mu bibare ahari harahungiye abatutsi bahamaze iminsi ibiri umunsi wa gatatu nibwo haje igitero gifite imbunda kigota ishyamba barimo batangira kubarasa ku buryo ntawe waharokokeye, naho abo babishe bavugaga ko ari interahamwe abo nzi ni NZAYISENGA wari utuye muri Segiteri Bibare, MISAGO wari utuye muri Komini Kayenzi hamwe nabapolisi ba Komini ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa umubare wamamodoka namapikipiki yabashije kubona ; asubiza ko yabonye imodoka ya Burugumesitiri wa Komini Kayenzi, iyumucuruzi witwa SEROMBA wo muri Segiteri Muganza, namapikipiki ntabashije kumenya banyirayo ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba uwo musirikare wishe abantu muri Serire Kamatongo yaraje wenyine, asubiza ko nta kindi abiziho gusa azi ko yahaje kandi ko yaraturanye na GATEMBASE ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace mwene KAGEGERA Yohani na NYIRAMURUTA , ufite imyaka 41 utuye muri Segiteri BUNYONGA, Komini Kayenzi ubu ufungiye muri kasho ya Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara ya Mata 1994 naho yaba yarigeze guhungira muri icyo gihe asubiza ko mu ntambara ya mata 1994 yari atuye mu mayaga muri Komini Mugina muri Segiteri Ngoma, nyuma ahungira i Bunyonga mu kwezi kwa kane 1994 asanga intambara ihari nibwo yahuye nabantu bavuye guhamba RWANYANGE François ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace abazwa niba uretse uwitwa RWANYANGE François hari nabandi bantu bandi baba barahapfiriye asubiza ko hapfiriye abantu benshi banarya ninka zabo ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace rumusaba ko yarutekerereza uko intambara yo mu Bibare Kayenzi yagenze asubiza ko mu gitondo aribwo yumvise amasasu ari kuvuga, haza ibitero biturutse mu Rutobwe naho ibindi bitero byagiye mu bibare sinabashije kubibona kuko aho narindi hari hepfo yumusozi kandi ko ibyo bitero byazaga namaguru nta modoka bafite ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace abazwa ko hari abantu azi mu baje mu bitero byo mu bibare asubiza ko ntabo azi usibye ko hari uwitwa RUCEKE uvugwa ko yayagiyemo ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace abazwa ko hari uwitwa GASIMBA Déogratias azi, asubiza ko amuzi kandi ko akiri i Kigali yari azi nimodoka ze, imwe yari ivatiri yera indi modoka Hilux ;

RUMAZE kumva NTAGWABIRA Ignace abazwa ko hari imodoka ya GASIMBA Déogratias yaba yaragiye mu Bibare cyangwa we ubwe yaragiyeyo, asubiza ko ntacyo abiziho ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi mwene NYAMASWA na NYABUTAMU, ufite imyaka 57 akaba atuye i Bunyonga muri Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko intambara yo muri Mata 1994 aho yari ari asubiza ko yari iwe i Bunyonga muri Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko hari abantu azi bapfiriye i Bunyonga nabantu babishe aho bari baturutse, asubiza ko i Bunyonga hapfiriye ahitwa mu Bibare hari harahungiye abatutsi bicwa ninterahamwe ziturutse i Kigali nkuko abaturage babyivugira ubwabo, ubwe MUNYAKAZI Esironi ntiyiboneye aho interahamwe zaturutse naho banyuze bava mu Bibare ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa impamvu zatumye atagira amatsiko yo kubaza ibyabereye mu bibare ahari harahungiye abaturage bo mu bwoko bwabatutsi , asubiza ko atabonye uwo abaza kuko abaturage bari bafite ubwoba bwinshi ku buryo batari kugira icyo bamubwira usibye interahamwe yitwa NZAYISENGA niwe gusa utari ufite ubwoba ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko yaba azi uwitwa SINZIKWITA Antoine, asubiza ko amuzi akaba yarajyanwe numusirikare amushoreye ku maguru batari mu modoka ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko yaba azi irengero ryimodoka ya SINZIKWITA Antoine, asubiza ko imodoka ya SINZIKWITA Antoine atazi uwayisahuye ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko hari aho azi hiciwe abatutsi, asubiza ko biciwe ku Kamatongo ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko yaba azi ibyo bitero byishe abatutsi ku Kamatongo byaturutse asubiza ko atazi aho byaturutse;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko hari igitero cyaturutse muri Komini Rutobwe asubiza ko ntacyo ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko azi uwitwa GASIMBA Déogratias asubiza ko atamuzi ;

RUMAZE kumva MUNYAKAZI Esironi abazwa ko hari ikindi yavuga asubiza ko ntacyo ;

RUMAZE kumva NAYIGIZIKI Antoine mwene SHAMABWA na NZAMU ufite imyaka 60 utuye muri Komini Kayenzi Segiteri Bunyonga akaba yari konseye wa Segiteri ubu akaba afungiye muri kasho ya komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva NAYIGIZIKI Antoine abazwa aho yari atuye mu ntambara ya Mata 1994, asubiza ko yari i Bunyonga kandi ko hapfiriye abantu benshi ;

RUMAZE kumva NAYIGIZIKI Antoine abazwa aho ibitero byishe abatutsi byaturutse , asubiza ko byatangiye tariki ya 17/04/1994 habanza gukorwa agaco kabo bica uwitwa RWANYANGE hamwe numugore we nabana be na Antoine SINZIKWITA yicwa na SINDAMBIWE Spiriyane, GASHAGAZA Théoneste, BAGARUKA, KIMONYI, KAYOBOZA na TURAYIGIRA, avuga ko ibyo bitero byaturutse muri Komini Rutobwe bigenda byica abatutsi ;

RUMAZE kumva NAYIGIZIKI Antoine abazwa ko haba hari abandi bicanyi azi usibye abo yavuze nuburyo bajemo, asubiza ko tariki ya 22/04/1994 saa yine nibwo bumvise amasasu menshi avugira mu Bibare Kayenzi ahari harahungiye abatutsi benshi bicwa nibitero bivuye mu Rutobwe, Nyabikenke, Kigali hamwe numusirikare witwa Misago, abaturutse muri Komini Rutobwe bakaba baraje nimodoka ;

RUMAZE kumva NAYIGIZIKI Antoine abazwa ko yaba azi nyirimodoka yazanye igitero cyaturutse mu Rutobwe , asubiza ko atamuzi ;

RUMAZE kumva HABIMANA Siriro mwene NTAGUNGIRA Simoniya NYIRARUGANGO Cécile ufite imyaka 48 akaba atuye muri Komini Kayenzi Segiteri Bunyonga ;

RUMAZE kumva HABIMANA Siriro abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara yo muri mata 1994, asubiza ko yari i Bunyonga ;

RUMAZE kumva HABIMANA Siriro abazwa ko yasobanura neza uko intambara yo mu Bibare yagenze asubiza ko ibitero byateye ari interahamwe zaturutse mu cyerekezo cyo mu Gacurabwenge ;

RUMAZE kumva HABIMANA Siriro abazwa ko haba hari abantu baba baraturutse muri Komini Rutobwe, asubiza ko ntabo azi kandi ko ibitero byateye mu bibare byaje nimodoka ya SEROMBA akaba nta yindi modoka nimwe azi yaje mu Bibare ;

RUMAZE kumva NZABANDORA Sirivesitiri mwene KIBOMBO Paul na NYIRAMAKUBA Debora ufite imyaka 43 akaba atuye muri Komini Kayenzi, Segiteri Bunyonga, Serire Kagombe abazwa aho yari atuye mu ntambara ya mata 1994 asubiza ko yari i Bunyonga ;

RUMAZE kumva NZABANDORA Sirivesitiri abazwa ko yasobanura mu magambo make uko intambara yo mu Bibare yagenze, asubiza ko haje ibitero byinshi, bimwe biva muri Komini Rutobwe baza namaguru, imodoka zizamo abasirikare, haza nivatiri yera ica aho batuye ;

RUMAZE kumva NZABANDORA Sirivesitiri abazwa niba hari imodoka ya MUNYANGABE cyangwa iya SEROMBA yabonye, asubiza ko ntazo yabonye ;

RUMAZE kumva NZABANDORA Sirivesitiri abazwa ko azi uwitwa GASIMBA Déogratias, asubiza ko atamuzi ;

RUMAZE kumva KARERANGABO Callixte mwene SEMAZURU na MUKANDEJEJE Domina utuye muri Komini Kayenzi Segiteri Kamatongo akaba afite imyaka 46 abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara ya Mata 1994 asubiza ko yari i Kamatongo, Segiteri Bunyonga ;

RUMAZE kumva KARERANGABO Callixte abazwa niba hari abatutsi bapfiriye ku Kamatongo agasubiza ko bahapfiriye kandi ko bishwe ninterahamwe atazi ;

RUMAZE kumva KARERANGABO Callixte abazwa niba abantu biciwe ku Kamatongo barapfiriye rimwe nabo mu bibare, asubiza ko bishe abo ku kamatongo mbere nyuma bukeye babona kwica abo mu Bibare ;

RUMAZE kumva KARERANGABO Callixte abawa niba azi uwitwa SINZIKWITA Antoine asubiza ko amuzi ko yari afite imodoka yivatiri itwarwa mu ntambara ya Mata 1994 ;

RUMAZE kumva KAREGEYA Boniface mwene MBONYIYEZE na KAKUZE Verena ufite imyaka 37, akaba atuye Segiteri Bunyonga muri Komini Kayenzi, abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara ya Mata 1994, asubiza ko yari i Bunyonga ;

RUMAZE kumva KAREGEYA Boniface abazwa ko yasobanura mu magambo make uko intambara yo mu Bibare yagenze, asubiza ko abatutsi bari mu Bibare bicishijwe imbunda nibitero byari biturutse i Kayenzi hariho nivatiri yumusirikare wi Kayenzi witwa MISAGO ;

RUMAZE kumva NYIRABASHI Faraziya mwene MAKUBA na KANKINDI ufite imyaka 57 akaba atuye Serire Nyarunyinya Segiteri Bunyonga muri Komini Kayenzi abazwa ko yasobanura aho yaratuye mu gihe cyintambara ya Mata 1994, asubiza ko yari muri Serire Nyarunyinya ;

RUMAZE kumva NYIRABASHI Faraziya abazwa niba hari ibyo azi ku ntambara yabereye mu Bibare, asubiza ko bishe umugabo we RWANYANGE maze nawe baramukubita baramutemagura ubwo yari yihishe ntabwo yamenya ibyabereye mu Bibare ;

RUMAZE kumva NYIRABASHI Faraziya abazwa ko yaba azi abari bayoboye ibitero byishe abatutsi bari mu Bibare avuga ko byari biyobowe na BUYUMBU kuko ariwe abaturage bavuga ;

RUMAZE kumva UZARAMA Bernadette mwene NYIRABASHI Faraziya na Bugirimfura Fréderic ufite imyaka 40 akaba atuye i Bunyonga muri Komini Kayenzi abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara ya mata 1994, asubiza ko yari mu ibanga yihishe akabona batwara abana babo batwarwa nibitero bajya kubica abo ni RUBENIWE, KARUHIJE, GAFUKU Narcisse, FORO abo bose narabiboneye ;

RUMAZE kumva SEKAVONGE Jean Damascène mwene MUHABURA Isidore na NYIRANDORA Daforoza, utuye Nyarunyinya akaba afite imyaka 35 akaba ari umuyobozi wa Serire atuyemo abazwa ko yavuga aho yaratuye igihe cyintambara ya Mata 1994 asubiza ko yaratuye muri Serire Nyarunyinya ;

RUMAZE kumva SEKAVENGE Jean Damascène abazwa ko yasobanura neza uko intambara yabereye mu Bibare yagenze, asubiza ko atazi uko byagenze ko intambara yabonye ari izabereye mu ngo zabaturage ;

RUMAZE kumva SEKAVENGE Jean Damascène abazwa ko abayoboraga ibyo bitero byo mu ngo abazi kandi ko bazaga mu modoka, asubiza ko ibyo bitero byo mu ngo byayoborwaga na GASHAGAZA Théoneste, MBONYIYEZE Déogratias, BUYUMBU Evariste, NSHAGAYINTWARI Balthazar, bose bazaga ku maguru nta modoka bafite uretse gusa MUNYANGABE Mathias wazaga mu modoka hamwe na NZAYISENGA wari ufite imodoka yubururu na BUYUMBU wari ufite ipikipiki yazagaho ;

RUMAZE kumva SEKAVENGE Jean Damascène abazwa niba azi uwitwa GASIMBA Déogratias , asubiza ko amuzi ariko ko ntacyo amuziho ;

RUMAZE kumva NYIRUBUBABI Gratien abazwa ko yatanga umwirondoro we, akavuga ko ari mwene RWAMPORORO Jean na KAYUNDO Verdiane afite imyaka 79 ans ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba yaramanye ahaturutse igitero cyateye (...) (Texte non lisible) abapolisi ba za Komini abandi ko atashoboye kubamenya kandi ko ibyo bitero byaturutse muri Komini Kayenzi, Rutobwe, na Musambira ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba barageze aho bahungiye kubareba asubiza ko bababonaga bahunga ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba hari abantu bo muri Komini Rutobwe yari asanzwe azi asubiza ko azi abo bahanye imbibi na Segiteri nkahantu hitwa Giko ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba azi uwitwa GASIMBA Déogratias asubiza ko atazi isura ye, gusa ko asanzwe yumva bamuvuga ko ari umucuruzi i Kigali ubu akaba atuye i Busekera muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba uwitwa GASIMBA Déogratias atarigeze ajya mu bitero byo mu Bibare  Kayenzi, asubiza ko atamubonye, usibye SEROMBA wi Muganza abaturage bavuga;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba hari imodoka yabonye zijya mu Bibare asubiza ko izo yabonye ari ebyiri kandi ko nigitero cyahaje rimwe gusa mu Bibare ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba kwitongo iwabo hegeranye no mu Bibare, asubiza ko hategeranye, iwabo ni muri Serire Kabogore naho iwabo ni Kamatongo ni Serire ukwayo ;

RUMAZE kumva MBONYIYEZE Déogratias abazwa niba ku Kamatongo hari abantu bahiciwe, asubiza ko bahapfiriye bicwa numusirikare wari uturutse mu Rutobwe ;

RUMAZE kumva NYIRUBUTWA Gratien abazwa aho yari atuye mu ntambara ya Mata 1994 asubiza ko yari muri Segiteri Rutongo muri Komini Rutobwe nyuma aza guhungira i Kabgayi agaruka ku itariki ya 15/07/1994 ;

RUMAZE kumva NYIRUBUTWA Gratien abazwa ko azi UWIMANA Caritas, asubiza ko amuzi kandi ko ari mwene TUTUBA ;

RUMAZE kumva NYIRUBUTWA Gratien abazwa niba hari uwazaniye UWIMANA Caritas amaturo, asubiza ko yiboneye imodoka irimo inzoga nibindi bintu maze ko byoherejwe na GASIMBA Déogratias nimodoka ko yari itwawe na Thaddée ikaba yari iyumutuku ko ayo maturo yari ayo gutambamira MUNYAMPAMA ;

RUMAZE kumva NYIRUBUTWA Gratien abazwa ko yiboneye ubwe bapakurura iyo modoka yari izanye amaturo asubiza ko yabonye igenda ipakiye kandi ko iyo modoka yakoraga mu mushinga ukorera muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva NYIRUBUTWA Gratien abazwa ko imodoka ya GASIMBA Déogratias yaba yaragiye i Kayenzi igihe cyintambara ya 1994, asubiza ko ibyuko yaba iyo modoka ya GASIMBA Déogratias yaragiye i Kayenzi ari ibivugwa nabaturage ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko yatanga umwirondoro we, akavuga ko ari mwene RUCURIRAMIHIGO na KARUBEGA akaba afite imyaka 67 atuye Segiteri Ntonde, Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko mu ntambara ya Mata 1994 aho yari atuye, asubiza ko yari muri Komini Rutobwe, Segiteri Ntonde, intambara imaze gukomera ajya i Kabgayi muri Komini Nyamabuye ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko yaba azi uwitwa UWIMANA Caritas, asubiza ko amuzi bakaba barabanye hamwe ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko hari uwatuye UWIMANA Caritas amaturo, asubiza ko ntabyo azi ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko azi uwitwa GASIMBA Déogratias, asubiza ko amuzi ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko GASIMBA Déogratias yaba yarigeze agera mu rugo rwa Caritas UWIMANA, asubiza ko ntawahageze ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa icyo umugore wa HIGIRO wazaniye UWIMANA Caritas amaturo icyo bapfana na GASIMBA Déogratias, asubiza ko umugore wa GASIMBA Déogratias ari nyinawabo wumugore wa HIGIRO ;

RUMAZE kumva MUKANTAGARA Dorothée abazwa ko umugore wa HIGIRO yazaniye UWIMANA Caritas amaturo, asubiza ko kwari ugusabira umugabo we imbabazi wari ufunzwe kandi ko HIGIRO abaturage bavuga ko ariwe wishe nyina wa Caritas UWIMANA ;

RUMAZE kumva KABALISA Léandre abazwa ko yatanga umwirondoro we akavuga ko ari mwene NIYOYITA Thaddée na UZAMUKUNDA Valansie utuye Segiteri Rutongo afite imyaka 38 ;

RUMAZE kumva KABALISA Léandre abazwa ko yaba azi uwitwa UWIMANA Caritas asubiza ko amuzi ;

RUMAZE kumva KABALISA Léandre abazwa ko hari abantu azi bazaniye uwitwa Caritas UWIMANA amaturo, asubiza ko ubwo yari yazindukiye muri Segiteri Ntonde yahabonye imodoka iparitse hafi yo kwa Caritas UWIMANA bayipakururamo akajerekani kamata, igitoki cyinyamunyu, hamwe nigiseke basanga Caritas adahari hari umukecuru babana mu nzu yanga kubyakira ;

RUMAZE kumva KABALISA Léandre abazwa ko hari abo yamenye mubazaniye UWIMANA Caritas amaturo, asubiza ko yamenye gusa uwari utwaye imodoka yarimo amaturo yitwa Thaddée ;

RUMAZE kumva KABALISA Léandre abazwa irengero ryayo maturo yari yagemuriwe UWIMANA Caritas nuwo basanze mu rugo kwa Caritas UWIMANA, asubiza ko ayo maturo abasilikare bategetse ko Caritas UWIMANA yamena ayo maturo kandi ko bazana amaturo ari MUKANTAGARA Dorothée basanze mu rugo ;

RUMAZE kumva NSABIMANA Stratoni abazwa ko yatanga umwirondoro we, akavuga ko ari mwene MWEMERABISHA na NYIRABAMBUKO ufite imyaka 30 akaba atuye Serire Ruhimbi, Segiteri Mara, Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva NSABIMANA Stratoni abazwa ko mu ntambara ya Mata 1994 aho yari ari, asubiza ko yari atuye muri Serire Ruhimbi nibwo Konseye yakoresheje inama bafatanya na responsable yo kwamagana ubwicanyi ;

RUMAZE kumva NSABIMANA Stratoni abazwa ko igihe cyintambara hari abantu bakoresheje imbunda asubiza ko aho yari atuye bakoresheje gusa amahiri ko nta mbunda bakoresheje ;

RUMAZE kumva NYIRAMAJIGIJA Caroline abazwa ko yatanga umwirondoro we agasubiza ko ari mwene KANYAMUGENGE na BUREKA Mariana afite imyaka 60, atuye Serire Nyarurembo, Segiteri Mara muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva NYIRAMAJIGIJA Caroline abazwa ko mu ntambara ya Mata 1994 aho yari atuye, asubiza ko yari muri Segiteri Rurembo kandi ko Konseye wa Segiteri Nyarurembo yabwiye abatutsi ko bahumura akoresheje inama nabaturage batuye muri iyo Segiteri nyuma yiminsi itatu nibwo haje igitero gifite amahiri nibwo bagihunze bava aho bari batuye ;

RUMAZE kumva NYIRAMAJIGIJA Caroline abazwa ko azi umuntu wakoresheje inama mu kajagari, asubiza ko ari uwitwa DUSABE na NZABONIMANA Callixte na KANUMA na SIRIYANI ;

RUMAZE kumva NYIRAMAJIGIJA Caroline abazwa niba hari uwitwa GASIMBA Déogratias azi, asubiza ko amuzi ariko ko nta kindi amuziho ;

RUMAZE kumva NYIRAMAJIGIJA Caroline abazwa ko hari inama yabereye ku gasentiri batuyeho, asubiza ko ntayabaye ;

RUMAZE kumva KANKINDI Félicité abazwa ko yatanga umwirondoro we, asubiza ko ari mwene MVEJURU Antoine na KAMASHARA afite imyaka 62, atuye Serire Kabere Giko muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva KANKINDI Félicité abazwa ko hari abo azi bakoresheje amanama, asubiza ko ari uwitwa NZABONIMANA nibwo yavuze ko bagomba kurya inka zose zabatutsi, inka za RUTAYIRE ninka za François ;

RUMAZE kumva KANKINDI Félicité abazwa abo azi bari kwisonga ryabagizi ba nabi, asubiza ko ari GASIMBA Déogratias na NZABONIMANA ;

RUMAZE kumva KANKINDI Félicité abazwa ko yari yariboneye GASIMBA Déogratias hamwe na NZABONIMANA cyangwa ko yabwiwe ko aribo bari kwisonga, asubiza ko ibyo byavugwaga nabaturage ko bafite umugambi wo kumara abatutsi ;

RUMAZE kumva TWAGIRAYEZU Sylveri abazwa ko yatanga umwirondoro we, akavuga ko ari mwene RUKABUKIRA na NYIRANJIJI akaba afite imyaka 40 atuye Kabere Segiteri Giko muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva TWAGIRAYEZU Sylveri abazwa ko igihe cyintambara ya mata 1994 aho yari atuye asubiza ko yari atuye muri Segiteri Giko ;

RUMAZE kumva TWAGIRAYEZU Sylveri abazwa ko hari abantu azi baremesheje inama nuwari kwisonga ryabo baremeshaga inama, asubiza ko batabazi kuko babonaga ibitero biturutse kuri Komini kandi ko uwari kwisonga ryabo ari NZABONIMANA ;

RUMAZE kumva TWAGIRAYEZU Sylveri abazwa ko azi uwitwa GASIMBA Déogratias asubiza ko amuzi kandi ko mu ntambara ya mata 1994 atazi aho yaraherereye ko atigeze amubona i Rambo ;

RUMAZE kumva SIBOMANA Anastase asabwa ko yatanga umwirondoro we, asubiza ko ari mwene MFURIGO Joseph na NAKABONYE Joséphine afite imyaka 35, akaba atuye Serire Ntonde muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva SIBOMANA Anastase abazwa aho yari atuye mu gihe cyintambara yitsembabwoko nitsembatsemba, asubiza ko yari atuye muri Serire Kirenge ;

RUMAZE kumva SIBOMANA Anastase abazwa ko hari abantu yaba azi bayoboye abandi mu manama yubwicanyi, asubiza ko amanama yaberaga kuri Komini nyuma amabwiriza yahafatiwe akagezwa na Konseye mu rwego rwa Serire ;

RUMAZE kumva SIBOMANA Anastase abazwa ko hari abantu azi baba barapfuye mu ma Serire asubiza ko hapfuye impunzi zari ziturutse muri Komini Ntongwe na Bugesera ;

RUMAZE kumva SIBOMANA Anastase abazwa ko hari ibitero azi byaturutse mu Rutobwe bijya muri Komini Kayenzi kwicana, asubiza ko hari ibitero byavuye i Shyanda, Cyubi, bijya muri Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA Fébronie mwene KABILIGI Marcelin na MUKAMUGWIZA, ufite imyaka 36, utuye muri Serire Ntonde, Segiteri Ntonde, muri Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA Fébronie abazwa ko afite isano nuwaregeye indishyi muri uru rubanza witwa RUTAYISIRE Innocent, asubiza ko nta sano bafitanye uretse ko bose ari abacitse kwicumu kandi ko atuye mu gikari iwe ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA Fébronie abazwa ko mu gihe cyintambara ya Mata 1994 aho yari atuye, asubiza ko yaratuye muri Serire Ntonde ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA Fébronie abazwa ko hari abatutsi bapfiriye mu Bibare, asubiza ko bahapfiriye kandi ko ari DANI MUNYAZERA wayoboraga ibitero ;

RUMAZE kumva MUJAWAMARIYA Fébronie abazwa niba azi aho MUNYAZERA Dani atuye, akavuga ko atuye Serire Ntonde, Segiteri Ntonde, Komini Rutobwe ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie - Claire abazwa ko yavuga umwirondoro we akavuga ko ari mwene BIZIMUNGU J. Claude na MUKAMUTAMU Agnès afite imyaka 24, utuye muri Segiteri Bunyonga muri Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie  Claire abazwa ko yavuga mu magambo make , akavuga ko yiboneye GASIMBA Déogratias atwaye interahamwe mu modoka yumutuku abasanga aho bari bari barihishe mwishyamba ryo mu Bibare we yaraturutse muri Komini Rutobwe ubwo haje nandi ma modoka aturutse muri Komini Kayenzi arahahururira, abantu bari baje muri ayo ma modoka bari bitwaje imihoro, imbunda nibisongo byibiti ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie Claire abazwa ko yari asanzwe azi GASIMBA Déogratias asubiza ko amuzi kandi ko nigihe yari yihishe mwishyamba ryo mu Bibare yamwiboneye afite imbunda ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie  Claire abazwa ko mu bicaga abatutsi bakabatera grenade ko na GASIMBA Déogratias ko hari icyo yaba yarakoze ; asubiza ko uwari ufite imbunda muri ibyo bitero yarashe abatutsi bari barahungiye mu Bibare ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie  Claire abazwa ko imvugo yafatwa nkukuri, ibyo yabwiye ubushinja-cyaha nibyo amaze kubwira urukiko, asubiza ko we asanga imvugo yafatwaho ukuri ari iyo amaze kuvugira mu rukiko kuko igihe yabazwaga nubushinja-cyaha ngo yari yarataye umutwe kubera abantu be bishwe ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie  Claire abazwa impamvu avuga ko imodoka ya GASIMBA Déogratias yari yajyanywe mu Bibare Kayenzi, asubiza ko yavuze ko harimo imodoka yumutuku nimodoka zimyeru ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha busaba ijambo bukavuga ko MUHIMPUNDU yasobanura neza ko yiboneye GASIMBA Déogratias cyangwa yarabibwiwe ; asubiza ko we ubwe yamwiboneye afite imbunda ahetse interahamwe mu modoka ye interahamwe zitwaje grenade, imihoro, ibisongore byibiti GASIMBA Déogratias yahise akoresha inama kwa

BUYUMBU, akongera avuga ko ari GASIMBA warashe umugabo we witwa NKURIZA Célestin, yica KAYIJUKA, SINZIKWITA Jean, na MUNYEMPARA ;

RUMAZE kumva MUHIMPUNDU Marie  Claire abazwa ko GASIMBA Déogratias hari abushobozi yari afite bwo gukiza abantu, asubiza ko yari abufite ;

RUMAZE kumva RUDASINGWA abazwa ko yatanga umwirondoro we akavuga ko ari mwene MAJABO na NYIRAMAJAJWE afite imyaka 41 akaba atuye muri Segiteri Bunyonga, Komini Kayenzi ;

RUMAZE kumva RUDASINGWA Alexis abazwa ko igihe intumwa zurukiko zageze ahantu hubatse inkambi zimpunzi hari icyo yabajijwe, asubiza ko ntacyo izo ntumwa zurukiko zari mu iperereza zamubajije ;

RUMAZE kumva RUDASINGWA Alexis abazwa impamvu atagize icyo abwira urukiko kubyo yaba azi kuri GASIMBA Déogratias, asubiza ko abaregera indishyi bari baramusabye kubabera umugabo mu rubanza rwabo na GASIMBA Déogratias kandi ko atari kugira icyo avuga intumwa zurukiko zari mu iperereza zitagize icyo zimubaza ;

RUMAZE kumva RUDASINGWA Alexis abazwa ko yasobanura icyo yifuza kubwira urukiko asubiza ko GASIMBA Déogratias yaje mu Bibare aho abatutsi bari bihishe yitwaje imbunda ari mu modoka yumutuku ahetsemo interahamwe zitwaje amacumu ;

RUMAZE kumva RUDASINGWA Alexis abazwa aho imodoka yavaga, asubiza ko hari izavuye muri Komini Kayenzi izindi ziva muri Komini Rutobwe;

RUMAZE kumva HABARUGIRA Théoneste abazwa umwirondoro we, akavuga ko ari mwene KARIMUMBUGA Anastase na NYIRABAGIRINKA Langwida afite imyaka 47 akaba atuye muri Segiteri Nkomane, muri Komini Musambira ;

RUMAZE kumva HABARUGIRA Anastase abazwa ko hari icyo azi kuri GASIMBA Déogratias asubiza ko igihe yakoraga akazi muri Komini Rutobwe mu mwaka wa 1994 GASIMBA Déogratias yaraje kubwira abaturage ko asize i Gitarama haje ibikoresho we yari afite imbunda igihe yaragiye mu i Ramba hashize akanya abona haje imodoka Hilux yumutuku ya GASIMBA Déogratias ayirimo ubwe ;

RUMAZE kumva DUSHIKUMUGABO Désiré uregera indishyi asaba ijambo, akavuga ko iperereza ryurukiko ryakozwe ku bantu bafungiye muri komini Kayenzi badashobora kuvuga ukuri kuko baregwa ubwicanyi bwabereye mu Bibare kuwa 22/04/1994 ;

RUMAZE kumva NGAMBAGE Jean uregera indishyi abazwa icyo ashaka kuvuga, akavuga ko uwitwa KAREGEYA Boniface nAdèle umugore wabo bishe abantu benshi ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas uregera indishyi asaba ijambo akavuga ko iperereza ryintumwa zurukiko ryakozwe ku bafunze nabo bafungiye icyaha cyitsembatsemba nitsembabwoko, urugero rwuwabajijwe Callixte KARENZANGABO hamwe na Sylvesitiri utarafungwa ;

RUMAZE kumva MUKAMPABUKA Susana uregera indishyi asaba ijambo akavuga ko ababajijwe nurukiko bafunzwe bakurikiranyweho icyaha cyubwicanyi bityo ntabwo babwira urukiko ukuri, Adèle ni umugore wa NSHAGAYINTWARI, KAREGEYA Callixte yamwiciye umwana amuha tiyoda arapfa ;

RUMAZE kumva ijambo rihawe ubushinja-cyaha bukavuga ko abagabo babajijwe bafunzwe muri kasho ya Komini Kayenzi batari kuvugisha ukuri bashinjwa ibyaha bimwe byabereye mu Bibare i Kayenzi kimwe nahandi hakorewe itsembabwoko nitsembatsemba bakaba batari kuvugisha ukuri kubiregwa GASIMBA Déogratias uregwa icyaha kimwe nabo bafunzwe ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buvuga ko kuba GASIMBA Déogratias yarajyanye amaturo kwa UWIMANA Caritas icyo yashakaga bwari ubwiyunge yasabaga Caritas UWIMANA bityo icyo gikorwa cyo gushaka ubwiyunge kuri Caritas asanga ari ikimenyetso kigaragaza ko GASIMBA Déogratias yakoze itsembabwoko nitsembatsemba ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buvuga ko ubuhamya butanzwe nabagabo baregera indishyi muri uru rubanza bwafatwa nkukuri kuko biboneye ubwabo uko ubwicanyi bwakorewe abatutsi bari barahungiye mu Bibare i Kayenzi ;

RUMAZE kumva Perezida wiburanisha ryuru rubanza aha ijambo MUSANABERA Stéphanie uregera indishyi avuga ko NYIRABAJIGIJA ari inshuti ya GASIMBA Déogratias akaba atagira icyo avuga abwira urukiko cyukuri, kuri DUSABE wabajijwe yakoranaga akazi na GASIMBA Déogratias bakaba bari kumwe mu gitero cyo mu Bibare ;

RUMAZE kumva MUKANKUSI Espérance avuga ko NYIRAMAJIGIJA ari mwene wabo wa GASIMBA Déogratias akaba atakwemera ibyo yabajijwe nurukiko nkumugabo mu rubanza ;

RUMAZE kumva MUKAMPABUKA avuga ko icyo yongera ku rubanza rwe ko asaba ko GASIMBA Déogratias yamuha indishyi kuko atagisigaranye umwana yiyambaza kugirango abe yagira icyo amumarira ;

RUMAZE kumva UWIMANA Caritas uregera indishyi abazwa ko Thaddée yajyanye amaturo kwa Caritas UWIMANA ko yari aye cyangwa ko yatumwe na GASIMBA Déogratias, asubiza ko ubwo bazanye amaturo yari yagiye muri Komini Kayenzi agarutse nibwo yasanze ayo maturo mu rugo iwe hakaba harimo amata, igitoki ninzoga ko byoherejwe na GASIMBA Déogratias bikaba byarazanwe na Thaddée mu modoka ya GASIMBA Déogratias ;

RUMAZE kumva GASIMBA Déogratias abazwa ko yagira icyo avuga kubyongereweho nabaregera indishyi asubiza ko ibyavuzwe na Caritas UWIMANA ko hari amaturo yamushyiriye ko ari ukumubeshyera ;

RUMAZE kumva Maître KABUREGE Project uhagarariye GASIMBA Déogratias asaba ijambo akavuga ko abaregera indishyi bibeshye kuwo bagomba kurega kandi ko ubushinja-cyaha bwagaragaje intege nke mu gukora iperereza ryuru rubanza nkuko yabisabye urukiko ko rwazikorera iperereza zarwo, akaba arusaba ko rwasuzumana ubushishozi imvugo zabagabo bose babajijwe nubushinja-cyaha kimwe nabagabo babajijwe nurukiko ;

RUMAZE kubona ko iburanisha ryuru rubanza ryarangiye kuwa 18/09/1997, urukiko rutangariza mu ruhame rwa benshi ko ruzasomwa kuwa 26/09/1997 saa munani ;

RUMAZE kubona ko nta yindi ngingo isigaye gusuzumwa muri uru rubanza uretse kuruca ;

RUSANZE ibirego rwashyirijwe nubushinja-cyaha kimwe nibyo abaregera indishyi bigomba kwakirwa bigasuzuma mu rwego rwa mbere kandi mu ngingo zabyo zose kuko byaje mu buryo bukurikije amategeko ;

RUSANZE GASIMBA Déogratias aregwa ibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu byakozwe hagati ya Mata na Kamena 1994 ; ibyo byaha bikaba biteganywa namasezerano mpuzamahanga yo kuwa 09 Ukuboza 1948, yakorewe i Genève, u Rwanda rukaba rwarayemeje nitegeko  teka n° 08/75 ryo kuwa 12/02/1975 bikanateganywa nitegeko-ngenga n°08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize yikurikirana ryibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu ;

RUSANZE icyaha cyubufatanya-cyaha cyubuhotozi GASIMBA Déogratias aregwa bwagiriwe abantu bari barahungiye mu Bibare, Segiteri Bunyonga, Komini Kayenzi kimuhama kubera ko hari abagabo bamwe babajijwe nubushinja-cyaha nabandi babajijwe nurukiko bahamya ko GASIMBA Déogratias yapakiye interahamwe mu modoka ye bajya i Kayenzi mu Bibare, bica abatutsi benshi, barimo NYIRABAGENZI, NIKUZE, MUKANSANGA, SIMBIZI, TWAGIRAYEZU, KAYIJUKA, KAMUYUMBU, MUNYERAGWE, TWAGIRAYEZU, MUKASHEMA, NIYOMUGABO, BAMBASI, BIZIMANA, MUSHYAMBA, MUHOZA, UWIHANGANYE, MANYONI, MUKANDAYISABA, BENIMANA, MUKANSONERA, RWABUDIGI, HABUMUREMYI, NDEZI, TUYISINGIZE, KABAYIZA, DUSABIMANA, TUYISABE, TUMUSABIRE, NZABONARIBA, NYABYENDA, NYANDWI, MINANI, KAKIZA, MUKAMUBAYIZA, NYIRANKUMI NABANDI..

RUSANZE ko icyaha cyo kugira uruhare mu mutwe warugamije kugirira abatutsi nabi, kimwe nicyo gusahura ibyuma byimodoka ya SINZIKWITA Antoine bihama Gasimba Déogratias kuko byasahuwe ninterahamwe yari yajyanye i Kayenzi azihetse mu modoka ye ;

RUSANZE ibyo byaha byavuzwe haruguru bihama GASIMBA Déogratias , rushingiye ku imvugo zabagabo bakurikira : MUHIMPUNDU Marie Claire, HABARUGIRA Théoneste, MUJAWIMANA Libérata, . ; bavuga ko biboneye namaso yabo GASIMBA Déogratias azanye igitero mu modoka ye ya Toyota Hilux yumutuku kikica abatutsi bari barahungiye mu Bibare ;

RUSANZE imvugo zabagabo babajijwe nurukiko bafungiye muri cachot ya Komini Kayenzi zitashobora kurenganura GASIMBA Déogratias muri uru rubanza, kuko nabo bakurikiranyweho ubwicanyi bwabereye mu Bibare bityo bakaba batarashoboraga kuvuga ukuri, kimwe nabandi bagabo bi Kayenzi bavuga ko ntacyo bazi ku byerekeye ubwicanyi bwabereye i Kayenzi mu Bibare kuko batabirebaga, bakaba nabo batarenganura uregwa ;

RUSANZE GASIMBA Déogratias yarohereje amaturo kwa Caritas UWIMANA, nkuko byemezwa nabagabo babonye ayo maturo, aribo : KABALISA Léandre na NYIRUBUTWA Gratiane, bavuga ko ayo maturo yaje mu modoka ya GASIMBA Déogratias Toyota hilux

yumutuku itwawe na Tadeyo ari kumwe nundi mugore bakavuga ko babonye ayo maturo aza kwa Caritas UWIMANA, ariko ntihabayeho ijambo riherekeje ayo maturo rivugwa , uretse ko babonye bayasubizayo, babajije bababwira ko ayo maturo yari yoherejwe kwa Caritas UWIMANA kugira ngo GASIMBA Déogratias wohereje amaturo yiyunge na Caritas bakemeza ko batigeze babona GASIMBA Déogratias muri iyo modoka yazanye amaturo kwa Caritas UWIMANA ;

RUSANZE ibyaha GASIMBA Déogratias akurikiranyweho nubushinja-cyaha, bigize impurirane mboneza mugambi byibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba, ibyo byaha bikaba bimushyira mu rwego rwa kabiri , nkuko biteganywa ningingo ya kabiri yitegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize yikurikirana ryibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba, cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu, byakozwe kuva tariki ya 1 ukwakira 1990 kugeza 1994 ;

RUSANZE GASIMBA Déogratias agomba kwamburwa burundu uburenganzira bwose yari afite mu gihugu nkuko biteganywa nigitabo cya mbere cyamategeko ahana yu Rwanda (art.66 alinéa 2, 3à 5C.P. )ningingo ya 17 agace ka 6 yitegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/1996 ;

RUSANZE nta ndishyi rugomba kugenera abantu bose batarushyikirije ibyemezo bigaragaza ko abo bashingiraho basaba indishyi bapfuye nibigaragaza amasano bari bafitanye ; abo ni abakurikira : KANDAMA Simoniyae, KABASINGA Béata, MUSHIKIWABO Dorocela, DUSHIKUMUGABO Desideri, NGAMBAGE Jean, MUKANKUSI Espérance, SEMUHUNGU Evariste, RUZINDANA, BURAGATARE Wellars, BERABOSE Belancilla, SINZIKWITA, MUHIZI, MUJAWAMARIYA, RUTABINGWA Gérard na MUGIRANEZA ;

Kubera izo mpamvu zose rubonye gasimba deogratias ushinjwa , uhagarariye ubushinja-cyaha nabaregera indishyi bahari ;

RUSHINGIYE ku itegeko-shingiro cyane cyane ku itegeko-nshinga ryo kuwa 10 Kamena 1991 nkuko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu mu ngingo zaryo za 12, 13, 14, 16, 33, 92, 94, namasezerano yamahoro yArusha yerekeranye nigabana ryubutegetsicyane cyane mu ngingo za 26 ;

RUSHINGIYE ku itegeko-ngenga ryo kuwa 30/8/1996 rigena imitunganyirize yikurikirana ryibyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu byakozwe kuva ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 cyane cyane mu ngingo za 1, 2, 3, 14, 17, 19, 20, 24, 29, 36, 39, ;

RUSHINGIYE ku itegeko-teka ryo kuwa 7 Nyakanga 1980 rishinga imitunganyirize nububasha byinkiko mu Rwanda cyane cyane mu ngingo za 6, 8, 76, 200, na 201 ;

RUSHINGIYE ku itegeko ryo kuwa 27 Gashyantare 1963 rishinga amategeko yimiburanishirize yimanza zinshinja-byaha nkuko ryahinduwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo za 62, 67, 71, 73, 76, 83, 90 ;

RUSHINGIYE ku itegeko-teka rishyiraho igitabo cya mbere cyamategeko ahana yu Rwanda cyane cyane mu ngingo zacyo za 89, 90, 91 ;

RUSHINGIYE ku itegeko-teka rishyiraho igitabo cya kabiri cyamategeko ahana yu Rwanda cyane cyane mu ngingo zacyo za 281, 282, 312, niya 337 ;

RUSHINGIYE ku gitabo cya gatatu cyamategeko mboneza-mubano cyane cyane mu ngingo za 258, 259 ;

RWEMEJE kwakira no gusuzuma ibirego bwashyikirijwe nubushinja-cyaha burega GASIMBA Déogratias kimwe nibyabaregera indishyi kuko byaje mu nzira zemewe namategeko ;

RWEMEJE ko ibyaha byose GASIMBA Déogratias aregwa bimuhama ko kandi bigize impurirane yimboneza mugambi yibyaha bigize icyaha cyitsembatsemba nitsembabwoko, cyangwa se ibyaha byibasiye inyoko-muntu , kubera impamvu zasobanuwe haruguru ku buryo buhagije muri za RUSANZE zuru rubanza ko kandi bimushyira mu rwego rwa kabiri nkuko biteganywa nitegeko ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/08/1996 ;

RWEMEJE ko indishyi zasabwe nabaregera indishyi zikabije kuba nyinshi, ko ahubwo bahabwa izagenwe nurukiko mu bwitonzi bwarwo nkuko byasobanuwe muri RUSANZE zuru rubanza ;

RUKIJIJE ko Gasimba Déogratias atsinzwe ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo gufungwa burundu, ku byaha aregwa nubushinja-cyaha bigize icyaha cyitsembabwoko nitsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu ;

RUMUTEGETSE gutanga œ cyamagarama yuru rubanza ahwanye namafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitatu na magana atatu (33.300 Frs) akimara gusomerwa, atayatanga mu gihe gitegetswe agafungwa igifungo cyingwatira mubiri mu gihe cyukwezi kumwe , akavanwa mu bye ku ngufu za Leta ;

RUKIJIJE ko abaregera indishyi batatanze ibyemezo bisabwa nurukiko bavuzwe haruguru nabo batsinzwe ;

RUBATEGETSE gutanga bose hamwe amagarama yuru rubanza ahwanye namafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitatu na magana atatu(33.300 Frs) buri wese agomba gutanga amafaranga ibihumbi bibiri na magana atanu na mirongo itandatu (2.560 Frs) ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha MUKAMULIGO Béatrice amafaranga miriyoni ebyiri (2.000.000 Frs) yimpozamarira ku bantu be bapfuye aribo : NYIRABAGENZI , GASASIRA, GASIRABO ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha UWINGABIRE Marie Goretti amafaranga miliyoni ebyiri nibihumbi magana abili (2.200.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : KABANDA, HABIYAMBERE, NIYIGABA, SINZIKWITA Jean, NIKUZE, MUKANSANGWA, SIMBIZI na TWAGIRAYEZU ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha MUKAKAYIJUKA Marceline amafaranga miliyoni ebyiri nibihumbi magana ane(2.400.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo :

KAMUYUMBU, MUNYERAGWE, KAYIJUKA, TWAGIRAMARIYA, MUKASHEMA, NIYOMUGABO, na MUTOTO ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha UWIMANA Caritas amafaranga miliyoni eshatu nibihumbi magana ane (3.400.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : BAMBASI, BIZIMANA, MUSHYAMBA, MUHOZA, na UWIHANGANYE ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha RUTAYISIRE Innocent amafaranga miliyoni ebyiri (2.000.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : MANYONI, BENIMANA, MUKANDAYISABA, na MUKANSONERA ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha AYINKAMIYE Colette amafaranga miliyoni ebyiri nibihumbi magana inani (2.800.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : RWABUDIGI, HABUMUREMYI, NDEZI na TUYISINGIZE ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha MUSANABERA Stéphanie amafaranga miliyoni eshatu nibihumbi magana ane (3.400.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : KABAYIZA , DUSABIMANA, TUYISABE, na TUMUSABIRE ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias guha NYIRAROMBA amafaranga miliyoni enye nibihumbi magana abili (4.200.000 Frs) zimpoza-marira kube bapfuye aribo : NZABONARIBA, NYABYENDA, NYANDWI, KAKIZA, MUKARUBAYIZA, na MINANI;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias gutanga amafaranga ibihumbi magana inani na mirongo cyenda na bitandatu (896.000 Frs) ahwanye numusogongero wa Leta wa 4% yindishyi zose, atayatanga mu gihe gitegetswe akavanwa mu bye ku ngufu za Leta ;

RUTEGETSE GASIMBA Déogratias ko yamburwa burundu uburenganzira buvugwa mu ngingo ya 66 yigitabo cyamategeko ahana yu Rwanda mu duce twa 2e, 3e, na 5e ;

RWIBUKIJE ko kujuririra uru rubanza bikorwa mu minsi cumi nitanu kuva rugisomwa ;

RUKIJIJWE rutyo kandi rusomwe mu ruhame nurugereko rwihariye rwurukiko rwa mbere rwiremezo rwa Gitarama, none kuwa 03/10/1997 rugizwe nabacamanza KAGIGI MAKOMBE Dieudonné, Prezida, KANYESOKO Joseph, MUSABE KARANGWA Richard, Abajuji, BUCYANA Marc, Umushinja-cyaha, na NSABIGABA Joseph, Grefiye.

JUJI PREZIDA JUJI GREFIYE

KANYESOKO J. MAKOMBE Dieudonné MUGABE K. Richard NSABIGABA Joseph.
(sé) (Démissionné) (sé) (sé)